
# Imvaho Nshya

*Soma Usobanukirwe Buri Munsi*

NO .E-49 TARIKI 27 MUTARAMA - 2 GASHYANTARE 2026 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw








AMAKURU


Perezida Kagame yakiriye Visi Perezida wa Botswana



8

AMAKURU


U Rwanda rwihanangirije Inteko y'u Burayi isaba irekurwa rya Ingabire Victoire



9

AMAKURU


U Rwanda mu ngamba zo guhashya bilaliziyoze mu 2030



12

MU NTARA

Kuba Intwari ntibikwiye kuba amagambo gusa bijyana n'ibikorwa



14


## U Rwanda ntiwaruhindura ikindi gihugu- Perezida Kagame

**NTAWITONDA Jean Claude**

***Perezida wa Repubulika Paul Kagame, yakebuye abagerageza guhindura uko baremwe, abereka ko badashobora guhinduka abandi bantu, ko n'iyo babigerageje bibyara ingaruka mbi cyangwa ntibirambe, aboneraho gushimangira ko ari na ko bimeze ku Rwanda nk'Igihugu.***

Mu masengesho ngarukamwaka yo gusengera Igihugu yabaye ku Cyumweru tariki ya 1 Gashyantare 2026, Perezida Kagame yavuze ko u Rwanda rudashobora kuba ikindi gihugu, ko ahubwo rushobora kwigira ku bindi bihugu rukarushaho kuba rwiza.

Yavuze ko umuntu, umuryango n'Igihugu biba bifite imiterere yabyo n'uko bibayeho kibitandukanya n'ibindi, ariko bifite ubushobozi bwo guharanira kurushaho kunoza umwihariko wabyo.

Ati: "No muri uko kugira uko

KOMEZA KU RUP.3

# Perezida Kagame na Madamu Jeannette Kagame bunamiye Intwari z'u Rwanda



**Perezida Paul Kagame na Madamu Jeannette Kagame bashyize indabo ku Kimenyetso cy'Ubutwari kiri ku Gicumbi cy'Intwari z'u Rwanda i Remera**

**SHEMA Ivan**

***Perezida wa Repubulika Paul Kagame na Madamu Jeannette Kagame bashyize indabo ku Kimenyetso cy'Ubutwari kiri ku Gicumbi cy'Intwari z'u Rwanda, baranazunamira mu rwego rwo kuzisingiza no kurata ibigwi byazo.***

Ni umuhango wabaye kuri iki Cyumweru, tariki ya 1 Gashyantare 2026, ubera i Remera ku Gicumbi cy'Intwari.

Witabiriwe n'abayobozi bakuru mu nzego z'igihugu barimo Minisitiri w'Intebe, Dr. Nsengiyumva Justin, Perezida w'Umutwe w'Abadepite mu Nteko Ishinga Amategeko, Kazarwa Gerturde, Perezida wa Sena, François-Xavier Kalinda, Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga,

KOMEZA KU RUP.3

# Nyabwishongwezi si agasozi ahubwo ni ishuri- Abasura aho Maj. Gen. Rwigema yatabarukiye



Bashima ko aya mateka yashyiriweho ikimenyetso

HITIMANA Servand

***Bamwe mu basura agasozi ka Nyabwishongwezi kaguyeho Intwari y'u Rwanda, Maj. Gen. Fred Gisa Rwigema bavuga ko ako gasozi ari ishuri ku mateka y'ubutwari abantu bakwiye kwigiraho ibijyanye no gukunda Igihugu no kucyitangira.***

Mu gihe mu Rwanda hitegurwa kwizihiza Umunsi w'Intwari z'Igihugu, abasura agasozi ka Nyabwishongwezi mu Murenge wa Matimba bavuga ko banyurwa cyane n'amateka y'ubutwari ya Maj. Gen. Rwigema, aho yabaye icyitegererezo cyo gukunda Igihugu.

Aka gasozi yaguyeho na ko ngo ni ishuri ryo kumenya aya mateka no kuhafatira amasomo meza ku gukunda Igihugu.

Mupenzi Jean Damascene uturuka mu Karere ka Kamonyi yabwiye itangazamakuru ati: "Gusura aka gasozi byandemyemo ishyaka ryo gukunda Igihugu. Nabyumvaga ntyo ko urugamba rwatangiriye mu Mutara ariko nari ntaragera ino. Navuga ko aha atari agasozi gusa ahubwo ni ishuri. Ni ishuri umuntu yigiraho ubutwari bw'uyu mugabo wagize ubwitange budasanzwe aho yasize byose agatabarira u Rwanda. Uyu rero ni umutabazi nyawe."

Akomeza agira ati: "Kwigerera kuri uyu musozi warasiweho Maj. Gen. Rwigema bifasha gusobanukirwa n'ukwiyemeza abantu bari barafashe mu bihe bitoroshye barwana na Leta ifite ibikoresho n'ubushobozi ariko ntibatezuke. Dukwiye kuzirikana cyane ubu bwitange bwabo yaba abaguye ku rugamba n'ababashije kurusoza."

Mutoniwase Daria umwe mu bakiri urubyiruko wagize inyota yo gusura ahatangirijwe urugamba rwo kubohora Igihugu na we agira ati: "Ni iby'agaciro gakomeye kugera aha hantu nkaganira n'abahatuye bafite amakuru aruta ayanjye ku rugamba rwahabereye. Nari nyotewe no kureba aharasiwe uwari umuyobozi w'urugamba.

Naganiriye n'abantu bakuru bamuzi, ababanye na we mu buhungiro, abamuzi ayobora ingabo muri Uganda, ntangazwa no kwiyemeza yari afite n'amasezerano yahaga Abanyarwanda abizeza ko bagomba gucyurwa mu gihugu cyabo. Navuga ko nigiye byinshi kuri uyu musozi".

Bamwe mu baturage batuye i Kagitumba, Matimba na Nyabwishongwezi bavuga ko bishimira kuba baturanye n'aya mateka. Bashima ko icyifuzo bari bafite cy'uko aka gasozi kashyirwaho ikimenyetso cy'aya mateka byakozwe.

Tutabayiro Godfrey agira ati: "Twishimira ko duturanye n'aya mateka y'intwari yacu. Mu bihe byashize twagiye dusaba ko hashyirwa ikimenyetso kiranga aya mateka, ariko uyu munsi turishimira ko byakozwe.

Ibi kandi bigira inyungu mu kuranga aya mateka ariko no kuri twe nk'abahatuye uko abantu baza kuhasura hari ibyo bakenera bakabituguraho bityo bigatuma tuninjiza no mu buryo bw'amafaranga."

Umuyobozi w'Akarere ka Nyagatare Wungirije ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu Matsiko Gonzague avuga ko aka Karere gafite amahirwe menshi yo kuba karabaye amarembo y'urugamba rwo kubohora Igihugu.

Ati: "Dufite byinshi abantu baza kwigira inaha ku mateka yo gukunda Igihugu no kukitangira. Ni aha urugamba rwatangiriye, noneho ariko hatangiriye ubutaka bwiswe agasantimetero bwatuweho n'Ingabo za RPA mu buryo buhoraho batongera kurwana bahindagura icyicaro. Ni amateka rero buri wese yagirira ishyaka ryo gusura cyane cyane abakiri bato."

Umunsi w'Intwari uzizihizwa mu Gihugu hose, aho ku rwego rw'Akarere ka Nyagatare, biteganyijwe ko wizihirizwa mu Murenge wa Tabagwe ku ya 01 Gashyantare 2026.



Abasura Nyabwishongwezi bahakura ishyaka ry'ubutwari



Gusura agasozi katabarukiyeho Intwari y'Igihugu, Maj Gen. Fred Gisa Rwigema byitabirwa n'ingeri zitandukanye





IBIKURIKIRA URUP.1

Domitilla Mukantaganzwa, Umugaba Mukuru w'Ingabo z'u Rwanda Gen Mubarak Muganga, Umuyobozi Mukuru wa Polisi y'Igihugu CG Felix Namuhoranye n'abandi.



Abayobozi batandukanye bari bitabiriye uyu muhango

# Perezida Kagame na Madamu Jeannette Kagame bunamiye Intwari z'u Rwanda

Perezida Kagame na Madamu Jeannette Kagame ni bo bashyize indabo ku Kimenyetso cy'Ubutwari, bakurikirwa n'uhagarariye abahagarariye ibihugu byabo mu Rwanda.

Intwari u Rwanda rwizihiza kandi rukazirikana ziri mu byiciro bitatu, birimo Imanzi, Imena n'Ingenzi.

Icyiciro cy'Imanzi kirimo intwari zitakiriho zirimo Umusikare Utazwi izina, uhagarariye abasirikare bose baguye ku rugamba barwanira ineza y'u Rwanda.

Iki cyiciro kandi kirimo Maj. Gen. Fred Gisa Rwigema, wayoboye urugamba rwo kubohora Igihugu rwatangiye ku wa 1 Ukwakira mu 1990.

Icyiciro cy'Imena kirimo Umwami Mutara wa III Rudahigwa Charles Léon Pierre, Intwari Michel Rwagasana, Uwilingiyimana Agatha, Intwari Félicité Niyitegeka n'Abanyeshuri b'i Nyange.

Icyiciro cy'Ingenzi nta ntwari yari yagishyirwamo, gusa haracyakorwa ubushakashatsi bwo kugira ngo bemezwe.

Umunsi w'Intwari wizihizwa tariki ya 1 Gashyantare buri mwaka.

Kuri iyi nshuro ya 32 ifite insanganyamatsiiko igira iti: "Ubutwari n'Ubumwe bw'Abanyarwanda, inkingi z'iterambere."

# U Rwanda ntiwaruhindura ikindi gihugu- Perezida Kagame

IBIKURIKIRA URUP.1

uteye kwawe, ku muryango no ku gihugu, ibyo ni byo ugenda ushakisha uko byarushaho kumera neza. Ariko ntuzakore ikosa ngo wisangemo ko ukwiriye kuba undi utari wa wundi uri. Ukwiriye kuba uwo uri we, ukwiriye kuba uko waremwe, ni ukwawe. Reba uko waguhindura ukakugira neza."

Aho ni ho yahereye avuga ko u Rwanda rudashobora guhinduka ikindi gihugu icyo ari cyo cyose, ariko rushobora kurushaho kuba rwiza mu mwimerere warwo.

Ati: "Iki gihugu cy'u Rwanda ntwabwo wagihindura kuba ikindi gihugu icyo ari cyo cyose. Ntuzanabitekereze kuko si bizima ubwabyo…. Ntushobora gufata Igihugu nk'u Rwanda ngo ukigire uko ushaka kuko si wowe wakiremye."

Yakomeje ashimangira ko intege nke zituruka mu kutemera umwimerere no gushamadukira umwimerere w'abandi zigira ingaruka zikomeye.

Perezida Kagame yavuze ko ubonye isha itamba agata n'urwo yari yambaye bitamuhira kandi bitaramba, ndetse bivuze ko umuntu aba ari ho atariho.

Yasabye abakiri bato kwirinda ibishobora kubasenya bihereye ku kwirengangiza abo bari bo haba mu myemerere, umuco n'ibindi, cyane ko hari amasomo u Rwanda rwakuye ku mateka yarubayeho.

Ati: "Abana benshi bari hano, nabonye hari abavutse mu 1995, Ndabasabye n'abavutse mbere yanyu, aho mugenda hose ku Isi hose, ibyo mubona, ibyo mushima, ntuzigere ubwo utekereza gushaka gusimbuka ukava ku cyo uri cyo ukaba ikindi wabonye ahandi ntabwo kiramba. Ntabwo ibyo biramba, ariko n'iyo byaramba, ni nko kubaho utariho."

Yakomeje ashimangira ko iyo ufite umuco ugerageza guhindura uko wabonye ahandi, birangira bigusenye bityo ari ukubyirinda binyuze mu gusigasira umwimerere nyarwanda unarushaho kugirwa neza binyuze mu kwigira ku by'abandi.

Perezida Kagame yaboneyeho gusobanura ko kutifuza kumera nk'abandi bitavuze ko badashobora kwigirwaho ibituma ubuzima bw'Abanyarwanda birushaho kumera neza badataye umwimerere wabo, cyane ko n'abandi hari ibyiza bigira ku Rwanda.



Perezida Paul Kagame yagaragaje ko umwimerere ari ingenzi, ntawahindura u Rwanda ikindi gihugu

Perezida Kagame yagaragaje isano iri hagati y'umuntu ku giti cye, umuryango n'igihugu, aboneraho gushimangira ko iyo umuntu abayeho neza umuryango ubyungukiramo ndetse n'Igihugu bikaba uko.

Nanone kandi ngo iyo muryango utameze neza n'Igihugu kiba kijegajega bityo abantu bakwiye kwita ku byo bemera n'ibyo bizera kuko bitanga umusaruro n'ingaruka ku muntu ku giti cye cyangwa ku Gihugu.

# Ubutwari si amateka basoma gusa - Minisitiri Dr Bizimana

MUTETERAZINA Shifah

***Minisitiri w'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu Dr Bizimana Jean Damascène yibukije urubyiruko ko rudakwiye kujya rufata ubutwari nk'amateka gusa, ahubwo bakwiye kubufata nk'indangagaciro z'Umunyarwanda muzima.***



**Minisitiri w'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu Dr Bizimana Jean Damascène yibukije urubyiruko kujya rufata ubutwari nk'indangagaciro**

Yabikomojeho mu gitaramo cyo kwizihiza no gusingiza Intwari z'Igihugu mu ijoro rishyira kuri iki Cyumweru tariki ya 1 Gashyantare 2026, ahizihizwa Umunsi w'Intwari, kikaba cyarateguwe n'Umujyi wa Kigali ufatanyije n'abafatanyabikorwa bayo.

Mu ijambo rye, Minisitiri Dr Bizimana Jean Damascène yabwiye abasusurukijwe n'icyo gitaramo imbonankubone cyangwa banyuze ku ikoranabuhanga ko insanganyamatsiko y'uyu mwaka itari yo kumva gusa bakabisiga aho.

Yagize ati: "Uyu mwaka turizihiza Umunsi w'Intwari zacu ku nshuro ya 32, ku nsanganyamatsiko igira iti: 'Ubutwari n'Ubumwe bw'Abanyarwanda, inkingi z'Iterambere'. Iyi nsanganyamatsiko si amagambo gusa, ni ishingiro ry'amateka yacu, ni ishingiro ry'aho tuva, aho tugeze n'aho tugana."

Yakomeje agira ati: "Ubutwari si amateka yo gusoma mu bitabo gusa, ni umurage dukomora ku bakurambere bacu baranzwe n'ubutwari kuva u Rwanda rwahangwa kugeza ubu. Abanyarwanda tugomba guha icyubahiro Intwari zahanze u Rwanda."

Akomeza agaragaza ko mbere byagoranaga kuba Intwari, icyakora kuri ubu ngo hari byinshi bagomba gushingiraho ndetse bakabibungabunga.

Ati: "Muri iki gihe kandi, duha icyubahiro Intwari zikomeje kurwana urugamba rutoroshye rwo kongera kubaka u Rwanda rushya rushingiye ku bumwe, amahoro, iterambere n'imibereho myiza."

Yakomeje ahamya ko Abanyarwanda bakwiye kwitarwararika bakirinda kwishora mu ngeso mbi kuko inshingano yo kubungabunga amateka y'Igihugu iri mu biganza byabo.

Ni igitaramo cyari cyitabiriwe ku rwego rwo hejuru, kinasusurutswa n'abarimo Jazz Band, Bwiza, Urukerereza, Uragangazi hamwe na Kitoko wageze ku rubyiniro ibitu bigahindura isura.

Kitoko yagize ati: "U Rwanda ni urwacu twese. Ejo hazaza h'u Rwanda hari mu maboko yacu twese. Duharanire kuba intwari z'ukuri: intwari zubaka, intwari zihuza Abanyarwanda, intwari zihesha Igihugu cyacu ishema."

Iki gitaramo cyari gifunguriwe buri wese aho kwinjira byari ubuntu, bigatuma abantu barushaho kuba benshi cyane mu mahema ya Camp Kigali aho cyabereye.

# Abayobozi badakora neza ntibakwiye guhembwa- Dr.Nsengiyumva

ZIGAMA Theoneste

***Minisitiri w'Intebe, Dr Justin Nsengiyumva Justin, yasabye abaturage kujya bibutsa abayobozi kubakemurira ibibazo bafite byaba na ngombwa bakabashyiraho igitutu, ashimangira ko umuyobozi udakora neza adafite uburenganzira bwo guhembwa.***

Yabigarutseho kuri uyu wa Gatandatu tariki ya 31 Mutarama, ubwo yifatanyaga n'abaturage babarirwa mu magana bo mu Murenge wa Gahini, mu Karere ka Kayonza, mu muganda rusange usoza ukwezi kwa Mutarama 2026.

Muri uwo muganda, abayobozi n'abaturage bafatanyije mu gusana umuhanda wa Kahi–Giperefe ufite uburebure bwa kilometero 19, uhuza Imirenge ya Gahini na Mwiri. Uwo muhanda wo mu cyaro ufite akamaro kanini ku bahinzi n'aborozi, kuko uborohereza kugeza umusaruro wabo ku masoko atandukanye.

Agace ka Kahi kagira uruhare rukomeye mu musaruro w'amata, kuko gatanga litiro zisaga ibihumbi 45 z'amata ku munsi ajyanwa mu Ikusanyirizo ry'amata rya Kahi.

Dr Nsengiyumva yasabye abaturage gukomeza gusigasira ibikorwa remezo ndetse anavuga ko bakwiye gukora ibishoboka byose bakiteza imbere, aho yavuze ko umuganda ari ingirakamaro kuko iyo hadakozwe ibikorwa remezo bihombya abaturage.

Ati: "Hari ukuntu amata atagera ku ikusanyirizo umworozi agahomba, iyo mukoze umuganda muba mugize icyo mumarira n'abandi bagenzi banyu".



**Minisitiri w'Intebe Dr Nsengiyumva, yifatanyije n'abaturage mu muganda, abibutsa gushyira igitutu ku bayobozi mu gihe bibaye ngombwa ngo babakemurire ibibazo**

Yagarutse no ku kibazo cy'inzara iherutse kwibasira abaturage aho muri ako Karere ariko avuga ko byababaje Guverinoma y'u Rwanda ashimangira ko abayobozi bakwiye gufatanya n'abaturage kugira ngo icyo kibazo kitazongera kuba ukundi.

Ati: "U Rwanda ntabwo turi Igihugu abaturage bakwiye kugira inzara, n'ibindi bihugu iyo bagize inzara turabafasha."

Yakomeje avuga ko Abanyarwanda batarangwa no gusabiriza kandi ko ugeza aho ataka ko ashonje biba ari ukuri kandi ko bikwiye ko imishinga ihari y'iterambere igomba kubafasha mu gukemura ibibazo byo kubura ibiribwa.

Ati: "Iyi mishinga ni iyanyu niba idakora neza mujye mubivuga hakiri kare. Ibi bikorwa remezo ni ibyanyu abayobozi mudushyireho igitutu, niba tudakora neza nta burenganzira dufite bwo guhembwa. ntabwo dufite bwo kugenda muri ziriya modoka, ni mwebwe rero mukwiye kutubwira, ntimukarebe ngo mwicecereke tujye tubimenya hakiri kare, tubikemure."

Yakanguriye abaturage gukoresha urubuga rwiswe Mbaza, rwashyizweho na Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu hagamijwe gufasha abaturage kumenyekanisha ikibazo bafite kigakemuka.

Minisitiri w'Intebe yavuze ko Guverinoma y'u Rwanda ikomeje gushyira imbaraga mu gushyiraho imishinga y'iterambere ifasha by'umwihariko abagore n'urubyiruko kugira ngo biteze imbere.








**Perezida Paul Kagame yibukije icyo Umunsi w'Intwari usobanuye**

# Perezida Kagame yavuze icyo umunsi w'Intwari z'Igihugu usobanuye

KAMALIZA Agnes

***Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Paul Kagame, yagaragaje ko buri gihugu ku Isi gifite ibihe bigoye kandi bidasanzwe cyanyuzemo ariko kikaza kubyigobotora, bigatuma ayo mateka ashingirwaho mu rwego rwo kwisuzuma no kubaka ahazaza.***

Ubwo yagarukaga ku gisobanuro cy'Umunsi w'Intwari z'u Rwanda ku Cyumweru tariki ya 1 Gashyantare 2026, Perezida Kagame yavuze ko Umunsi w'Intwari wibutsa Abanyarwanda ibihe bigoye banyuzemo.

Mu masengesho yo gusengera Igihugu azwi nka "National Prayer Breakfast" yahuriranye n'Umunsi w'Intwari z'Igihugu, Umukuru w'Igihugu yavuze ko kuba ayo masengesho ahuriranye n'umunsi w'Intwari bifite icyo bisobanuye.

Yaboneyeho guhamya ko Umunsi w'Intwari ubaho kuko wibutsa aho u Rwanda rwavuye, aho rugeze no kureba ibiri imbere.

Yagize ati: "Kuki hariho Umunsi w'Intwari? Ni Umunsi w'Intwari kubera ko buri guhugu n'abantu bose ku Isi hari aho bisanze mu bihe bigoye cyangwa bidasanzwe byatumye habaho inzira n'ibikorwa runaka. Iki cyari igihe cyiza kitwibutsa ibihe bigoye twanyuzemo nk'Igihugu, ibyo ducamo n'ibyo twiteze."

Perezida Kagame yongeyeho ko ibyo bigaragaza ko aho umuntu agomba guhera yubaka ari ku giti cye, hagakurikiraho umuryango n'Igihugu, cyane ko byose bifite aho bihurira kuko iyo kimwe kitameze neza cyangiza n'ibindi.

Ati: "Iyo tutameze neza nk'abantu ku giti cyacu ntabwo imiryango yacu imera neza uko bikwiye, iyo umuntu n'umuryango bitameze neza sinumva ukuntu Igihugu cyamera neza."

Perezida Kagame yagaragaje kandi ko Umunsi w'Intwari ufite icyo uvuze kinini kuko uko amateka yakwirengagizwa kose bigira ingaruka kandi zigaragara.

Yagize ati: "Ni yo mpamvu umwanya nk'uyu tuwukoresha mu gutekereza, gusubiza amaso inyuma, kwisuzuma no kumva ko turi ibiremwamuntu ubwabyo bifite icyo bivuze."

U Rwanda rwizihije Umunsi w'Intwari ku nshuro ya 32, ku nsanganyamatsiko igira iti: "Ubutwari n'Ubumwe bw'Abanyarwanda, inkingi z'iterambere."

Mbere yo kwitabira ayo masengesho Perezida Kagame na Madamu Jeannette Kagame bashyize indabo ku Kimenyetso cy'Ubutwari kiri ku Gicumbi cy'Intwari z'u Rwanda i Remera, baranazunamira mu rwego rwo kuzisingiza no kuzirata ibigwi.

Ni umuhango wanitabiriwe n'abandi bayobozi bakuru mu nzego z'Igihugu.

Intwari u Rwanda rwizihiza ziri mu byiciro bitatu, ari byo Imanzi, Imena n'Ingenzi.

# Igihugu kigira intwari bigizwemo uruhare n'ababyeyi- Gen. (Rtd) Ruzibiza

KAYITARE Jean Paul

***Brig. Gen. (Rtd) James Ruzibiza, yerekanye ko kugira ngo igihugu kigire intwari, bigirwamo uruhare n'ababyeyi mu gihe baba bashyize imbaraga mu kwita ku nshingano zabo.***



**Uhereye ibumoso, Brig. Gen. James Ruzibiza (uwa 3), Lt. Col. Cassien Gakuba (uwa 5) Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Niboye, Jean Claude (uwa 1)**

Yabigarutseho kuri iki Cyumweru tariki ya 01 Gashyantare 2026, ubwo hizihizwaga umunsi w'intwari mu Kagari ka Niboye mu Murenge wa Niboye mu Karere ka Kicukiro mu Mujyi wa Kigali.

Umunsi w'intwari wizihijwe ku nsanganyamatsiko igira iti: 'Ubutwari n'Ubumwe bw'Abanyarwanda, inkingi z'iterambere.'

Nyuma y'ikiganiro cyatanzwe kandi kikibanda ku butwari bw'Abanyarwanda, yerekanye ko buri mubyeyi afite inshingano zo gutoza umwana indangagaciro z'ubutwari.

Ni ikiganiro cyagaragarijwemo ko iyo udashimye intwari, uba udategura intwari z'ahazaza.

Brig. Gen. Ruzibiza, yagize ati: "Wowe mubyeyi, ni wowe ufite inshingano zo kugira ngo umwana azavemo intwari y'Igihugu. Ni umukoro dufite nk'ababyeyi, umwana wawe, wanjye, w'umuturanyi ufite inshingano zo kumutoza ziriya ndangagaciro z'ubutwari."

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Niboye, Jean Claude Munyantore, yizeye ko urubyiruko rufite impamvu ikomeye cyane yo kurinda no gusigasira ibyo u Rwanda rwagezeho ariko rukabikorana umutima ukomeye.

Ati: "Kugira umutima ukomeye bitandukanye n'ubutagondwa. Kugira umutima ukomeye ahubwo ni ukugira umutima wo gushyigikira icyiza no kurwanya ikibi, kugira indangagaciro yo gukunda Igihugu.

Gukunda Igihugu, ni ugushyira imbere Igihugu no guharanira ubusugire bw'iterambere, ishema ry'Igihugu n'ubumwe bw'abagituye."

Indi ndangagaciro ni ubwitange kandi ukigomwa inyungu zawe bwite, guharanira inyungu rusange byaba ngombwa umuntu agahara ubuzima bwe.

Ati: "Icyiza kandi gikwiye, ni ukurangwa n'ubwamamare mu butwari; kurangwa no kugira ibikorwa by'ubutwari bizwi kandi bishimwa na benshi."

Yabasabye kuba intangarugero, kurangwa n'ibikorwa bihebuje bibera abandi urugero rwiza. Kuba umunyakuri no kurangwa n'ukuri ndetse no kudatinya icyagutwara ubuzima ariko umuntu akarangwa no kugira ubumuntu no gukunda abantu kandi ntibarutishwe ibintu.

Lt. Col. (Rtd) Cassien Gakuba asaba urubyiruko guharanira kuba intwari aho guharanira ibintu kuko ibintu ubisanga ku Isi ariko ngo iyo ubuzima bwawe burangiye urabihasiga.

Ati: "Ntawe uzasigara avuga ngo wari ufite inzu zigeretse mirongo ingahe ariko bazavuga ngo kanaka yari ameze atya, bavuge indangagaciro zawe, bavuge ubutwari bwawe, bavuge ibyo wakoze. Twese duharanire kuzasiga izina, tubitoze n'abadukomokaho."

Intwari u Rwanda rwizihiza kandi rukazirikana ni iziri mu byiciro bitatu, birimo Imanzi, Imena n'Ingenzi.

Icyiciro cy'Imanzi kirimo intwari zitakiriho zirimo Umusikare utazwi izina, uhagarariye abasirikare bose baguye ku rugamba barwanira ineza y'u Rwanda.

Iki cyiciro kandi kirimo Maj. Gen. Fred Gisa Rwigema, wayoboye urugamba rwo kubohora igihugu rwatangiye ku wa 1 Ukwakira mu 1994.

Icyiciro cy'Imena kirimo Umwami Mutara wa III Rudahigwa Charles Léon Pierre, Intwari Michel Rwagasana, Uwiringiyimana Agatha, Intwari Félicité Niyitegeka n'abanyeshuri b'i Nyange.

Icyiciro cy'Ingenzi nta ntwari yari yagishyirwamo, gusa haracyakorwa ubushakashatsi bwo kugira ngo bemezwe.

# Ivugururwa rya sisitemu ya CAMIS ryatanze igisubizo kirambye



Abafatanyabikorwa mu mikorere ya CAMIS barishimira intambwe imaze guterwa

KAMALIZA Agnes

***CAMIS ni sisitemu y'ikoranabuhanga yinjizwamo amanota nyuma y'uko abanyeshuri bakoze isuzumabumenyi, imikorere yayo mu myaka irindwi ishize, yaje kuvugururwa ikemura ibibazo by'ingutu byari bikomereye abarezi bayifashishaga aho byarazaga benshi amajoro bitewe n'imikorere yayo idahwitse ndetse akenshi amanota yashyizwemo akabura.***

Iyo sisitemu ifasha kugira ngo hakorwe igenzura ry'uko abanyeshuri batsinze mu byiciro n'inzego zitandukanye, hagafatwa ibyemezo n'ingamba hagendewe ku mitsindire y'abanyeshuri, igafasha abarezi n'abayobozi b'ibigo gukusanya, gusesengura, kubika amanota no gutegura indangamanota z'abanyeshuri.

### Imbogamizi zarimo mu ntangiriro

Nubwo yatangijwe na Minisiteri y'Uburezi, (MINEDUC) mu 2019, ariko yatangiye gukoreshwa n'ibigo byinshi mu 2021, imikorerere yayo ikomeza kutavugwaho rumwe na benshi, ndetse icyo kibazo gitangira kugarukwaho mu Nteko Ishinga Amategeko umutwe w'Abadepite.

Hari abarimu bagaragazaga ko sisitemu ya CAMIS ikora saa sita z'ijoro ndetse ikandikwamo abanyeshuri bitarenze icumi aho byabasabaga icyumweru kirenga baryama ibyo bicuku bayandikamo amanota y'abanyeshuri.

Imikorere mibi ya CAMIS kandi yemezwa n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibizamini n'Ubugenzuzi bw'Amashuri (NESA) aho ivuga ko muri iyo myaka imikorere yayo yari iteye inkeke ariko kuva muri Kanama 2025, ibyo bibazo byakemutse.

Umuyobozi Mukuru wa NESA Dr Bahati Bernard mu kiganiro na Imvaho Nshya yemeje koko ko CAMIS yagiye igira ibibazo bitandukanye, kandi byari urugendo rutoroshye bitewe no kuba iyo sisitemu yarubakwaga n'abantu batandukanye aho wasangaga yandika amanota nka 50%.

Yagize ati: "Yagiye igira ibibazo byinshi iva mu biganza bimwe ijya mu bindi hari abantu bayikoragaho batandukanye, navuga ko itangira gukorwaho ntabwo abantu biyumvishaga uburemere bwayo, noneho bagakora ku gice kimwe ariko ugasanga hari ibindi byapfuye."

### CAMIS.2.0 yabaye igisubizo kirambye

Mu rwego rwo gukemura ibyo bibazo, mu mpera za Kanama 2025, MINEDUC na NESA byafashe icyemezo cyo kuvugurura Sisitemu ya CAMIS izana CAMIS.2.0 nk'igisubizo kirambye cy'ibyo bibazo byose byo mu myaka yashize.

Nubwo bikiri mu ntangiriro ariko hari intambwe imaze guterwa, aho isuzuma ry'icyiciro cya mbere ryakozwe ryagaragaje ko amashuri yose ayikoresha arenga 5 000 yabashije kuyikoresha.

Abantu ibihumbi 114 mu bihumbi 128 bangana na 99% binjiye muri sisitemu ya CAMIS, miliyoni 3,4 muri miliyoni 3,6 bangana na 99,5% babashije kwandikamo amanota mu gihe 99,7% muri bo babashije gukuramo indangamanota.



Umuyobozi Mukuru wa NESA, Dr Bahati Bernard asobanura uburyo sisitemu ya CAMIS ifasha cyane mu burezi



Umuyobozi Mukuru wa NESA Dr. Bahati Bernard (uwa 2 ibumoso) n'Umuyobozi Mukuru wungirije wa NESA Carlene Seconde Umutoni (uwa 3 iburyo) bahemba abafatanyabikorwa

Dr. Bahati avuga ko hishimirwa intambwe imaze guterwa ariko hakiri urugendo kuko hakiri n'ibindi bikenewe kunozwa kurushaho.

Ati: "Aho turi ubu turahishimira kubera ko iyo myaka yose wasangaga amanota yabaga ategerejwe kujyamo ari 50% ariko ubu bigeze kuri 99% amanota ashyirwa muri sisitemu ndetse n'iryo rimwe risigaye amenshi ni amashuri yigenga n'ay'imyuga kandi nabyo biri mu nzira bikemuka."

Yongeyeho ko nubwo babanje guhuzagurika ariko bakuyemo amasomo yatumye bitabaza Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ikoranabuhanga mu Itumanaho n'Isakazabumenyi (RISA) aho cyabafashije gukora isesengura ryavuguse umuti.

Yongeyeho ati: "Twiyambaje RISA iraza idukorera igenzura, isuzuma sisitemu hanyuma itwereka aho ibibazo biri duhereye kuri iyo raporo y'isuzuma ni bwo hagiyeho uko bakosora ibitari bimeze neza."

Umuyobozi Mukuru ushinzwe guteza imbere Ikoranabuhanga muri MINEDUC, Mwumvaneza Leon yahamirije Imvaho Nshya icyabashoboje kuvugurura CAMIS igakora neza ko ari uguhindura ikoranabuhanga yari ikozwemo, bakareba uburyo yakoreshwa na benshi kandi bayihuriyemo.

Yagize ati: "Twahinduye ikoranabuhanga yari ikozwemo kuko yakoreshwaga n'abarimu bageze ku bihumbi 120. Twarebye uburyo sisitemu ishobora guhurirwaho n'abarimu bose igakora neza, ibindi n'ibyerekeye no gusohora amanota kugira ngo benshi nibayihuriraho bitagira ikibazo."

NESA ivuga ko intego ihari ari ugukemura imbogamizi zikigaragara muri CAMIS kuko hari kurebwa mu gihe cya vuba uburyo amashuri yose yayikoresha, korohereza abarezi kwandikamo amanota niyo yaba nta interineti, isesengura manota hashingiwe ku masomo y'ingenzi n'ibindi.





Imvaho Nshya
Soma Usobanukirwe Buri Munsi

## Ijambo ry'Ibanze

# *Igihugu gihera kuri wowe*

Mu mibereho ya muntu, kuba mu muryango ni byo bimwubaka mu buryo runaka, bigatuma akurana imyumvire n'imikorere yihariye, ndetse ugasanga ahanini umuryango muto waguye amashami ku muryango mugari, na wo ugahinduka Igihugu.

"Iyo umuryango utameze neza, sinumva uko Igihugu cyaba kimeze neza." Ubwo butumwa bwatanzwe na Perezida Kagame mu Masengesho yo Gusabira Igihugu ku wa 1 Gashyantare 2026, agaragaza ko igihugu gishingira kuri wa muntu uri mu bagize umuryango.

Igihugu ntigishobora kubaho mu gihe hatari abaturage bahuriye mu miryango mito n'imigari, bahujwe n'ubumwe n'icyerekezo bikubiye mu ndangagaciro, umuco n'amahame kandi bari ku butaka bumwe ndetse banafite inzego z'imiyoborere zihamye.

Ibyo bisobanuye ko buri wese ari mu bagize Igihugu, ndetse byoroha iyo buri wese yumvise ko Igihugu gihera kuri we maze akagira imyitwarire inyuranye n'iyo kubara ubucyeye.

Aho ni na ho havuka ibikorwa by'ubutwari, aho bamwe banga gutezuka ku nshingano bafite zo gusigasira umwimerere n'isano muzi bafitanye n'umuryango mugari w'abagize icyo gihugu.

Imyumvire myiza y'umuntu umwe ishobora kudatanga umusaruro mwinshi, ariko abantu bose baramutse bahuriye ku gusigasira umwimerere wabo no kurushaho kunoza imibereho yabo, nta kabuza Igihugu kirushaho gutera imbere.

Nk'uko byashimangiwe n'Umukuru w'Igihugu, buri wese akwiye kwisuzuma akareba uruhare agira mu guharanira gusigasira uwo ari we ndetse n'umusanzu atanga mu iterambere ry'umuryango we no ku Gihugu.

Buri wese umaze kumenya ko igihugu gihera kuri we areka kwitesha agaciro, akirinda kuba nyamujya irya n'ino, ahubwo agaharanira kubaka umwimerere we mu buryo bumufasha bugafasha n'abandi kurushaho kumererwa neza.

Umuturage ni we iterambere ry'Igihugu rishingiraho binyuze mu kubahiriza inshingano zirebana n'iterambere rye ku giti cye ndetse n'iry'umuryango akomokamo.

Mu nshingano z'ingenzi asabwa kuzuza harimo kubaha no gukunda Igihugu nk'umuryango mugari bijyana no kucyitangira, gutanga umusanzu mu iterambere ryacyo, kugira uruhare mu gushyiraho abayobozi no gukorana na bo neza mu nyungu rusange, kurwanya ubusumbane n'ivangura iryo ari ryo ryose n'ibindi.

# Abantu babiri bananirwa kubana bate? Perezida Kagame ku ngo zisenyuka zitamaze kabiri



Perezida Paul Kagame yasabye abashakanye kwihanganirana bakubaka

NTAWITONDA Jean Claude

***Perezida Paul Kagame yagaragaje ko atiyumvisha ukuntu abantu babiri bananirwa kubana, ashimangira ko atumva icyaha kiba cyakozwe hagati yabo gituma umwe azinukwa undi.***

Yavuze ko n'iyo haba habaye amakosa runaka habaho kwihanganirana no kubabarirana kuko ntaho ibibazo bitaba.

Umukuru w'Igihugu yabigarutseho ku Cyumweru, tariki ya 01 Gashyantare 2026, mu masengesho yo gusengera Igihugu azwi nka National Prayer Breakfast, asaba ababyeyi n'amadini gukomeza kuba hafi abana.

Ubwo yagarukaga kuri icyo kibazo cyugarije umuryango n'Igihugu, Perezida Kagame yatanze urugero rw'uherutse kuvuga iby'ubukwe butatu yatashye ariko mu mwaka umwe gusa izo ngo zose zikaba zarasenyutse.

Yagaragaje ko atumva ukuntu abantu babiri bananirwa kubana ariko uko byagenda kose habaho no kwihanganirana.

Yagize ati: "Abantu babiri bananirwa kubana bate? Ari abantu benshi washyize hamwe birashohoka, [...] ariko babiri? Erega abantu baranihanganirana. Icyaha mu bantu babiri umwe muri bo aba yakoze gituma umwe muri bo avuga ati sinkigushaka aha mvira aha ni iki? Ariko niba cyanabaye birashoboka ariko se abantu ntibarebana mu maso bakaganira bakavuga bati ibi bintu ntuzasubire? Ndetse n'ejo yasubira akavuga ati ariko ubushize…. gutyo.!"

Umukuru w'Igihugu yavuze ko uko byagenda kose ntaho bajya ngo ntibahasange ibibazo, ahubwo bashobora no kujya ahandi bakahasanga byinshi biruta ibyo basize.

Perezida Kagame yasabye ababyeyi kurushaho kurera abana no kubabonera umwanya cyane ko hari ibishuko byinshi n'ibibazo kandi usanga hari ubwo n'abo bana baba bashaka guta abo bari bo bakigana iby'ahandi.

Yagaragaje ko abantu bakwiye gukomeza kuba abo bari bo, bakigira ku bandi ibyiza bafite ariko badataye indangagaciro yabo kuko kwigana bisenya aho kubaka.

Yavuze ko abantu bavoma ku bandi ubumenyi, cyangwa ibindi byubaka ariko badatakaje umwimerere watuma basenyuka.

Yagize ati: "Iyo ufite umuco ukagerageza guhindura uko wabibonye ahandi birasenya ntabwo biramba ni ukubyirinda, tukareba uko twashakisha kugira ibyacu, igihe bitabaye byiza tukabihindura tukabigira byiza."

Perezida Kagame yibukije ko mu gihe abantu babona ko kubana byananiranye bakwiye no kubisengera bakabiragiza Imana bakarenga umujinya ubatandukanya ahubwo bakababarirana.

Yongeyeho ati: "Ariko se niba mwemera Imana mwemera n'amasengesho byo mwabisengeye da! Niba ibyo mutwigisha namwe mubyemera aho twagiye buri gitondo mutwigisha izo nyigisho, zikuviramo iki udashobora gukoresha kugira ngo urenge uwo mujinya?."

Raporo y'Urwego rw'Ubucamanza yerekanye ko mu mwaka wa 2024/2025 haburanishijwe imanza 2 674 z'abashakanye basaba gutandukana.

Umukuru w'Igihugu yasabye Abanyarwanda kurangwa n'umutima uzira gusenya kuko ari byo byatuma igihugu gikomeza gutera imbere, ndetse isomo bavanye mu mateka mabi ntiripfe ubusa bitewe n'uburangare, bityo kikaba cyasubira mu bihe bibi.




Ntibyumvikana ukuntu abantu babiri bananirwa kubana , ingo zigasenyuka zitamaze kabiri

# Perezida Kagame yakiriye Visi Perezida wa Botswana

SHEMA Ivan

***Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, Paul Kagame, yakiriye Visi Perezida wa Bostwana, Ndaba Gaolathe baganira ku buryo bwo kurushaho guteza imbere ubufatanye butanga umusaruro hagati y'ibihugu byombi.***



**Perezida Kagame yakiriye Visi Perezida wa Bostwana baganira ku guteza imbere umubano w'Ibihugu byombi**

Ni amakuru yatangajwe n'Ibiro by'Umukuru w'Igihugu, Village Urugwiro, kuri uyu wa Gatanu, tariki ya 30 Mutarama 2026.

U Rwanda na Bostwana ni ibihugu bifitanye umubano mwiza ndetse mu 2019, Perezida Paul Kagame na Madamu Jeannette Kagame bagiriye uruzinduko rw'iminsi ibiri muri icyo gihugu.

Muri Mata 2022, ibihugu byombi bashyize umukono ku masezerano y'ubufatanye n'ubuhahirane mu nzego zirimo ubukungu n'ishoramari.

Uwo mubano wakomeje kwaguka, aho mu 2023 Polisi y'u Rwanda n'iy'a Botswana bashyize umukono ku masezerano y'ubufatanye mu bikorwa bitandukanye byo gucunga umutekano.

# Uwera Jean Maurice yashimiye Perezida Kagame ku cyizere yamugiriye

MUTETERAZINA Shifah

***Uwera Jean Maurice wagizwe Umuvugizi Wungirije wa Guverinoma yagaragaje amarangamutima ye ashimira Perezida Paul Kagame ku cyizere yamugiriye anizeza gutanga umusanzu we nk'uko bikwiye.***



**Uwera Jean Maurice yashimiye Perezida Kagame kuba yaragizwe Umuvugizi Wungirije wa Guverinoma**

Mu ijoro ryo ku wa Gatatu tariki ya 28 Mutarama 2026, Inama y'Abaminisitiri yayobowe na Perezida Paul Kagame yabaye, umwe mu myanzuro y'iyo nama wemeje Uwera Jean Maurice nk'Umuvugizi Wungirije wa Guverinoma asimbuye nyakwigendera Alain Mukuralinda witabye Imana mu ntangiriro z'umwaka ushize wa 2025.

Yifashishije urubuga rwa X, Uwera Jean Maurice yashimiye Perezida Kagame ku cyizere yamugiriye anizeza gutanga umusanzu we mu guharanira icyateza imbere Abanyarwanda.

Yanditse ati: "Ndabashimiye Nyakubahwa Perezida wa Repubulika Paul Kagame ku cyizere mwangiriye mumpa inshingano zo kuba Umuvugizi Wungirije wa Guverinoma. Ndabizeza gutanga umusanzu wanjye mu guharanira icyateza imbere Abanyarwanda no gushyira umuturage ku isonga".

Uwera ahawe inshingano nshya mu gihe yari asanzwe ari Umwe mu bayobozi ba radiyo SK FM yagiyeho avuye kuri Televiziyo y'u Rwanda.

Afite ubunararibonye bw'imyaka irenga 14 mu itangazamakuru n'itumanaho, aho anasobanukiwe bidasanzwe imiterere y'itangazamakuru ryo mu Rwanda, amakuru abaturage bakeneye ndetse n'imikorere ya Guverinoma.

Uwera yatangiye umwuga w'itangazamakuru mu 2011 ubwo yari ashinzwe amakuru kuri Flash FM na Televiziyo, akaba yaranakoze igihe mu rwego rwo kwakira abantu mbere yo kwinjira mu itangazamakuru.

Afite impamyabumenyi y'icyiciro cya kabiri cya kaminuza mu itangazamakuru n'itumanaho yakuye muri Kaminuza Gatolika ya Kabgayi.



**Abanyeshuri ni byiza ko mu byo biga, bakanavuga habamo n'ururimi rw'Ikinyarwanda**

# Amashuri ahanira abana kuvuga Ikinyarwanda yanenzwe

KAMALIZA Agnes

***Kuvuga Ikinyarwanda neza no kucyandika hari bamwe babibona nk'ibintu bitagezweho mu iterambere, bakakivuga bakigoreka, bakivanga n'indimi z'amahanga bagamije kwiyemera, ndetse hari na bimwe mu bigo by'amashuri bihanira abana kuvuga urwo rurimi.***

Kugaragaza ko utazi Ikinyarwanda hari bamwe babirisha nk'iturufu yo gusirimuka bakabyirata kandi bagaterwa ishema no kuba abana babo nta Kinyarwanda bazi namba ndetse bakabishyigikirwamo n'amashuri bigamo aberaka ko kuvuga urwo rurimi ari ikizira.

Minisiteri y'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu (MINUBUMWE) ivuga ko izakorana n'inzego zishinzwe uburezi bakarebera hamwe uburyo Ikinyarwanda cyarushaho gutezwa imbere mu mashuri, hakumirwa ibihano bihabwa abanyeshuri bakivuga kuko kuvuga Ikinyarwanda atari icyaha ahubwo ari ishema.

Minisitiri wa MINUBUMWE Dr Bizimana Jean Damascene, avuga ko ku bufatanye na Minisiteri y'Uburezi n'izindi nzego, ayo mashuri akwiye kuganirizwa ndetse n'andi mpuzamahanga agomba kwigisha isomo ry'Ikinyarwanda.

Yagize ati: "Niba hari amashuri agihana umwana kubera ko avuze Ikinyarwanda aho turabyuka tujyayo. Nta mwana ukwiye guhanwa kuko avuze Ikinyarwanda mu ishuri, kuvuga Ikinyarwanda si icyaha ayo mashuri tuzavugana na yo."

Minisitiri Dr Bizimana agaragaza ko ayo mashuri ashobora kwigisha mu ndimi z'amahanga ariko nanone kuvuga ururimi kavukire atari ingorane kandi bidakwiye ko bakomeza kubihanira abana nkaho ari icyaha.

Yongeyeho ati: "Umwana azagira ubwoba yikange ururimi aruhunge yumve ko kuruvuga ari icyaha. Ubwo ni ukuganira nka Guverinoma tuzanareba mu burezi ibikwiye kunoga, niba ayo mashuri yigisha mu ndimi z'amahanga kubera ko ari mpuzamahanga agomba no kugira isomo ry'ikinyarwanda."

Isuzumabipimo ryakozwe n'Inteko y'Umuco, muri Kanama 2025, rigaragaza Umurage ndangamuco w'u Rwanda ryagaragaje ko ururimi rw'Ikinyarwanda ruvugwa n'Abanyarwanda 99.7%.

Abanyarwanda babajijwe bagaragaraje ko ku kigero cya 70.6% ari bo bakoresha nabi Ikinyarwanda muri abo 6.6%, imikoreshereze yacyo ntiboneye namba mu gihe 64.3% bagaragaje ko idashimishije.

Icyakora Minisitiri Dr Bizimana yongeho ko kugira ngo icyo kibazo gikemuke bikwiye kugirwamo uruhare n'umuryango, uburezi n'izindi nzego.





# Perezida Kagame yaganiriye n'abarimo Perezida wa Togo ku kibazo cya RDC

ZIGAMA Theoneste

***Ku gicamunsi cyo kuri uyu wa Gatanu tariki ya 30 Mutarama 2026, Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Paul Kagame, yagiranye ikiganiro cyihariye na Faure Gnassingbé, Perezida wa Togo akaba n'Umuhuza washyizweho n'Umuryango wa Afurika Yunze Ubumwe (AU) mu bikorwa byo gushakira amahoro uburasirazuba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC).***



**Perezida Paul Kagame, yagiranye ikiganiro na Perezida wa Togo Faure Gnassingbé**

Nyuma y'icyo kiganiro, Abakuru b'Ibihugu bombi bahuriye mu biganiro n'Itsinda ry'Impuguke ryashyizweho na AU, rigizwe n'abahoze ari Abaperezida b'ibihugu bya Afurika, barimo Olusegun Obasanjo wahoze ayobora Nigeria, Sahle-Work Zewde wahoze ari Perezida wa Ethiopia, Mokgweetsi Masisi wahoze ari Perezida wa Botswana na Catherine Samba-Panza wahoze ari Perezida wa Repubulika ya Santarafurika.

Ibyaganiriweho byibanze ku mutekano muke mu Burasirazuba bwa RDC, intambwe imaze guterwa mu biganiro bya dipolomasi bikomeje, ndetse n'uburyo bwo gukomeza kunoza imikoranire hagati y'ubuhuza bwo mu Karere n'ubwo ku rwego rw'umugabane, hagamijwe kugera ku mahoro arambye, umutekano n'ituze mu Karere k'Ibiyaga Bigari.

Tariki ya 4 Ukuboza 2025 ni bwo u Rwanda na Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC), bashyize umukono ku masezerano yo guteza amahoro n'ubukungu hagati y'ibihugu byombi, ku bw'ubuhuza bwa Perezida wa Leta Zunze Ubumwe za Amerika Donald Trump na Guverinoma ye muri rusange.

Icyo gihe Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Paul Kagame yongeye gushimangira ko u Rwanda rukeneye kubona ahazaza hatekanye kandi huje uburumbuke, akaba ari na yo mpamvu shingiro rwiyemeje kudatezuka ku ngamba zose zigamije guharanira amahoro n'umutekano mu Karere ruhereyemo.

Perezida Kagame yashimiye Abakuru b'Ibihugu na Guverinoma ba Afurika bitabiriye iki gikorwa cyo gushyira umukono ku masezerano, uhagarariye Leta ya Qatar, by'umwihariko Perezida Trump na Guverinoma ye batumye ibi byose bishoboka.

# U Rwanda rwihanangirije Inteko y'u Burayi isaba irekurwa rya Ingabire Victoire

KAMALIZA Agnes

***Guverinoma y'u Rwanda yihanangirije Inteko Ishinga Amategeko y'u Burayi ikomeje kwivanga mu bibazo by'u Rwanda no gusuzugura ubutabera bwo muri Afurika, nyuma yo kwivanga mu bibazo bya Ingabire Victoire Umuhoza, imusabira gufungurwa.***

Iyo Nteko yabitangaje ishingiye ku kuba Ingabire Umuhoza Victoire yarafunzwe muri Kamena 2025, akekwaho kurema umutwe w'abagizi ba nabi no gutegura ibikorwa bigamije gukurura imvururu muri rubanda.

Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane w'u Rwanda, Amb Nduhungirehe Olivier abinyujije ku rubuga rwa X ku wa 29 Mutarama 2026, ubwo yasubizaga iyo Nteko; yashimangiye ko u Rwanda rutazigera rwemera ubwibone no kwivanga kw'Abanyaburayi bibwira ko bafite indangagaciro zihanitse kurusha iz'abandi, bagasuzugura ubutabera bwo muri Afurika.

Amb. Nduhungirehe yatangaje ibyo nyuma yuko iyo Nteko igaragaje ikibazo yagejejweho n'umuhungu wa Ingabire Victoire, witwa Rémy Amahirwa wayisabaga gushyira igitutu ku Rwanda ngo rurekure nyina.

Minisitiri Nduhungirehe yibukije u Burayi ko bushobora kuba bufite ububasha kuri Greenland, Aruba cyangwa New Caledonia ariko butazigera na rimwe bwongera kugira ubwo bubasha ku Rwanda nk'igihugu kimaze imyaka irenga 60 kivuye mu maboko y'Abakoloni b'Abanyaburayi.

Yagize ati: "Ntimuzigera mugira ububasha kuri Repubulika y'u Rwanda, igihugu cyongeye kubona ubwigenge bwacyo kivuye mu bukoloni bw'Abanyaburayi. U Rwanda ntiruzemera ubu bwirasi bukomeje no kwivanga kw'Inteko Ishinga Amategeko y'u Burayi, butekereza ko bufite indangagaciro zihanitse kurusha iz'abandi kugeza ku rwego basuzugura ubutabera bwo muri Afurika."

Iyo Nteko muri Nzeri umwaka ushize yagarutse ku kibazo cya Ingabire Victoire Umuhoza, uyobora ishyaka rya DALFA-Umurinzi, ufunzwe akekwaho kurema umutwe w'abagizi ba nabi n'ibindi isaba ko ahita arekurwa.

Iyo Nteko yavuze ko ibyo ashinjwa ari ibibazo bya politiki kandi hari impungenge zikomeye ku iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa muntu.

Urwego rw'Igihugu rw'Ubugenzacyaha, RIB, rwatangaje ko rwataye muri yombi Ingabire Victoire Umuhoza, ku wa 19 Mutarama 2025 nyuma y'uko Urukiko Rukuru rusabye ko akorwaho iperereza ku byaha birimo kurema umutwe w'abagizi ba nabi no gutegura ibikorwa bigamije gukurura imvururu muri rubanda.

RIB yatangaje ko yamutaye muri yombi bisabwe n'Ubushinjacyaha mu rwego rwo gushyira mu bikorwa icyemezo cy'Urukiko Rukuru mu rubanza ruregwamo Sibomana Sylvain na bagenzi be, kugira ngo ashyikirizwe Urukiko.

Uwo mwanzuro wafashwe nyuma y'aho urukiko rutanyuzwe n'ibisobanuro Ingabire yatanze ku ruhare avugwaho mu mahugurwa yahawe abahoze ari abanyamuryango b'ishyaka rye DALFA-Umurinzi, ubwo yari yatumijwe muri uru rubanza ngo agire ibyo asobanura.

Ubushinjacyaha bwasobanuye ko ayo mahugurwa yari ajyanye no guhirika ubutegetsi binyuze mu bukangurambaga bwo kubwangisha abaturage, ariko Ingabire yavuze ko amahugurwa baregwa gukoreramo ibyo byaha atari yateguwe na DALFA-Umurinzi ndetse ko atari ayazi.

Urukiko rwanzuye ko Ingabire Victoire akurikiranwa afunze ariko ntiyanyurwa ndetse atanga ikirego mu Rukiko rw'Ikirenga aho rwategetse ko ikirego yatanze, agaragaza ko ingingo ya 106 y'itegeko rigenga imiburanishirize y'imanza nshinjabyaha inyuranye n'ibiteganywa na zimwe mu ngingo z'Itegeko Nshinga cyakirwa kikazasuzumwa.

Urukiko rw'Ikirenga rwemeje ko ikirego Ingabire yatanze gifite ishingiro bityo kigomba kuburanishwa guhera muri Werurwe 2026.




**Minisitiri w'Ubabanyi n'Amahanga n'Ubutwererane w'u Rwanda, Amb. Nduhungirehe Olivier**

# Menya Intwari z'Igihugu

UBWANDITSI

***Intwari ni umuntu ukurikirana ibyo yiyemeje kugeraho bikavamo igikorwa cy'ikirenga gifitiye abandi akamaro, akabikora mu bupfura, mu kwihangana no mu bwitange buhebuje kandi akirinda ubugwari mu migirire ye, ntagamburuzwe n' amananiza.***

Tariki ya 1 Gashyantare buri mwaka, u Rwanda rwizihiza Umunsi w'Intwari z'Igihugu. Muri uyu mwaka, Umunsi w'Intwari z'Igihugu wizihijwe ku nshuro ya 32 ufite insanganyamatsiko igira iti 'Ubutwari n'Ubumwe bw'Abanyarwanda, inkingi z'Iterambere.'

Intwari z'Igihugu ziri mu byiciro 3 ari byo Imanzi, Imena n'Ingenzi.



Intwari z'Igihugu ziri mu byiciro bitandukanye

### IMANZI

Ni Intwari y'ikirenga yagaragaje ibikorwa by'akataraboneka birangwa n'ubwitange, akamaro n'urugero bihebuje. Muri iki cyiciro cy'Intwari z'Igihugu hashyirwamo intwari itakiriho, harimo Intwari Maj Gen. Fred Gisa Rwigema n'umusirikare utazwi.



*Maj. Gen. Frd Gisa Rwigema*

Yaranzwe n'ubwitange buhebuje ubwo yayoboraga Ingabo za FPR Inkotanyi ku rugamba rwo kubohora u Rwanda mu 1990 nyuma akarugwaho.

Yagiriye akamaro n'abandi benshi kuko yarwanye intambara aharanira guca ubuhunzi haba mu Banyarwanda no mu banyamahanga no guharanira uburenganzira bwa muntu n'ibindi. Yabereye abantu bose urugero rwiza rw'ubwitange bashobora gukurikiza.

### IMENA


Imena ni Intwari ikurikira Imena izwiho ibikorwa bidasanzwe yakoreye Igihugu birangwa n'igitambo cy'ikirenga, akamaro gakomeye n'urugero.

Muri icyo cyiciro, harimo Umwami Mutara Rudahigwa, Rwagasana Michel, Uwiringiyimana Agathe, Niyitegeka Felicite n'abanyeshuri b'i Nyange.



*Umwami Mutara III Rudahigwa*

Yababaye umwami w'uRwanda (1931-1959) yagaragaje ibikorwa by'urukundo mu Banyarwanda ashyiraho ikigega cyo kurihira amashuri abana b'Abanyarwanda. Yakuyeho ubuhake abusimbuza akazi. Yagabiye abakene. Yahirimbaniye ubwigenge.



*Rwagasana Michel*

Yabaye umunyamabanga w'Inama nkuru y'Igihugu cy'U Rwanda n'Umunyamabanga w'Umwami Mutara III Rudahigwa,yabaye umukozi wa Leta Mbiligi muri Teritwari ya Ruanda-Urundi mu Biro bishinzwe abakozi kavukire i Bujumbura.

Yagaragaje ubumuntu mu mibereho ye, agaragaza umutima wo gukunda abantu no kurwanya Politike y'amacakubiri bituma ahara byose kugeza ku buzima bwe, yanze gukoresha ububasha yahawe ku nyungu ze bwite. ahubwo aharanira ubumwe bw'Abanyarwanda.



*Madamu Uwiringiyimana Agathe*

abaye Minisitiri w'Intebe (Nyakanga 1993-Mata 1994). Yagize umutima wa kigabo ari Minisitiri w'Amashuri Abanza n'Ayisumbuye, yahangaye gukuraho akarengane mu mashuri mu gihe abashinze icyo bita iringaniza bari bagitegeka Igihugu. Yarwanyije ishyirwa mu bikorwa rya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 ndetse aza kwicwa azira ibitekerezo bye.



*Sr Niyitegeka Felicite*

Yakoze imirimo itandukanye irimo kwigisha, kurera, gucunga umutungo, no gufasha abatishoboye. Mu 1994 Jenoside yakorewe Abatutsi yamusanze ku Gisenyi aho yiciwe azira ko yarwanye ku Batutsi bihishe mu kigo yari ashinzwe kuyobora cya Centre Saint Pierre.



*Abanyeshuri b'i Nyange*

Ni abo mu ishuri ryisumbuye rihererey mu Karere ka Ngororero, aho mu 1997 ubwo mu Rwanda hari umutekano muke, abacengezi bateye iri shuri binjira mu mwaka wa 5 n'uwa 6. [....] Basabye abO banyeshuri kwitandukanya. bavuga bati: "Abahutu bajye ukwabo n'Abatutsi ukwabo". Abanyeshuri basubiza bavuga bati: "twese turi Abanyarwanda". Ni bwo abacengezi batangiye kubarasa. Bamwe muri bo barapfa abandi barakomereka.

### INGENZI

Nta ntwari yari yashyirwa muri iKi cyiciro, haracyakorwa ubushakashatsi bwo kugira ngo bemezwe.





# Kamonyi: Abangavu babyariye iwabo bahawe ibikoresho bigarurira icyizere

KAMALIZA Agnes

***Bamwe mu bangavu babyariye iwabo n'abahoze mu mirimo ivunanye bo mu Murenge wa Gacurabwenge n'uwa Mugina mu Karere ka Kamonyi, bavuga ko nta cyizere cy'ejo hazaza babonaga bitewe n'ubuzima bushariye n'inshingano zirenze ubushozi bwabo, ariko ngo nyuma yo kwiga imyuga no kubona ibikoresho, bizeye ko bagiye kwitunga n'abo babyaye kandi biteza imbere.***



Ababyariye iwabo muri Kamonyi n'abahoze mu mirimo ivunanye bahawe ibikoresho by'imyuga

Ibyo bikoresho bahawe na Sendika iharanira uburenganzira bwa muntu, STRADH (Syndicat des Travailleurs aux Services des Droits Humains) ku nkunga ya Trocaire-Rwanda binyuze mu mushinga Twiyubakire, bifite agaciro ka miliyoni 6 Frw birimo; imashini zidoda, n'ibikoresho bya salo zitunganya ubwiza.

Abahawe ibyo bikoresho ni abagera kuri 50 bagizwe n'abangije kwiga imyuga y'ubudozi ariko bakabura ibikoresho byo kwikorera, bo mu mushinga wa RSMO, (Relief for single mothers' organisation), n'abize ibyo gutunganya ubwiza mu mushinga MJCI_Shallom.

Bamwe mu baganiriye na Imvaho Nshya baterewe inda mu kazi ko mu rugo batujuje imyaka y'ubukure n'abahoze mu mirimo yo gucukura no kwikorera imicanga.

Bavuga ko bari bagowe n'ubuzima ndetse bahangayikishijwe n'imibereho y'abana babo, cyane ko n'imiryango baturukamo itifashije.

Uwamahoro Jeanne d'Arc wo mu Murenge wa Gacurabwenge, warerewe kwa Nyirakuru, yatewe inda ku myaka 16, ubwo yari mu kazi ko mu rugo mu Mujyi Kigali, avuga ko uwamuteye inda amuheruka akimubwira ko atwite, ndetse kuva icyo gihe aho yakoraga bahise bamusezerera asubira kwa nyirakuru inzira y'umuruho ayitangira atyo.

Yemeza ko igihe yari atwite na nyuma yo kubyara yari abayeho mu bwigunge ntacyo kurya ndetse ubuzima bubakomereye.

Ati: "Natewe inda n'umusore w'i Kigali wari uturanye n'ahantu nakoraga akazi ko mu rugo, ariko uwo muhungu muheruka ubwo sinzi aho aba. Nahise ngaruka kwa nyogokuru tuba mu buzima bubi duhangayitse."

Uwamahoro umaze kugira umwana w'imyaka itatu, avuga ko muri uko kwiheba ari bwo yamenye ko hari umushinga wigisha kudoda, atangira kwiga atyo nubwo yasoje akabura ibikoresho ariko yizeye ko nyuma yo kubibona agiye guhindura ubuzima ashyira umwete mu gukora cyane.

Yongeyeho ati:" Nyuma yo kubona ibikoresho mfite intego yo kwiteza imbere nkarera umwana wanjye neza nkagera ku rwego mpa n'abandi akazi."

Uwamutara Josephine, wo mu Murenge wa Mugina avuga ko yavuye mu ishuri ageze mu mwaka wa mbere w'ayisumbuye akajya kwikorera imicanga aho ikirundo kimwe yishyurwaga ibiceri 40 Rwf.

Ngo ako kazi yaje kukavamo ajya gukora mu rugo i Kigali ariko biza kwanga agaruka iwabo ari na bwo yamenye ko hari umushinga uri kwigisha gusuka imisatsi no gutunganya ubwiza.

Ahamya ko kuva yatangira kwiga hari ibyo yamenye kandi ubu ashobora gukorera nk'amafaranga y'u Rwanda 1 000 ku munsi akaba yizeye ko agiye kunoza neza ibyo akora, bityo birusheho kumwungukira.



Bimwe mu bikoresho bahawe babyitezo kubafasha kwiteza imbere

Yagize ati: "Kuko tubonye ibikoresho tugiye gukora kuko nakoreraga nk'igihumbi ku munsi nizeye ko aziyongera."

Umuyobozi wa STRADH Bizimana Alphonse, avuga ko icyo bifuza muri abo bana ari ukwiteza imbere ndetse bagafungura amaso bakagukira gukorera no mu bindi bice by'Igihugu.

Yagize ati: "Muje ku isoko risanzwe rikoreraho abandi, mugomba kuzana udushya twanyu kandi mukagura amarembo mukajya no gukorera ahandi. Ni urugamba rukomeye ariko rushoboka."

Umuyobozi w'ishami rishinzwe guteza imbere ubucuruzi n'umurimo mu Karere ka Kamonyi Mukamana Letitia, avuga ko nubwo abo bana bafashe inshingano bakiri bato ariko kuba barize imyunga bibaha amahirwe yo gutera imbere no guhindura amateka mabi banyuzemo badakomeje gutegereza inkunga.

Yagize ati: "Bakore bizigame be gutegereza abaterankunga kandi bakore biyamamaze ku mbuga nkoranyambaga kuko ibintu byose ntibazahora babikorerwa."

Mukamana avuga ko kuba baje ku isoko ry'umurimo biziba icyuho cy'ubushomeri Akarere kari gafite cyane ko mu rubyiruko rurenga ibihumbi 120, muri bo 30% ari abashomeri.

# U Rwanda mu ngamba zo guhashya bilaliziyoze mu 2030



Abahinzi basobanukiwe uko bakwirinda bilaliziyoze

**MICOMYIZA Fidele**

***Ikigo cy'Igihugu cy'Ubuzima (RBC) cyashimangiye ko hari ingamba zo kuba nta Munyarwanda uzaba akirwara inzoka zo mu nda na billaliziyoze bitarenze mu mwaka wa 2030.***

Mu gihe u Rwanda rukomeje gushyira imbaraga mu bizarufasha kugera ku ntego, abaturage bakoresha ibishanga bakomeje gusobanurirwa

Ibi byavugiwe mu bukangurambaga bwakorewe Umurenge Mareba mu Karere ka Bugesera, ku wa 28 Mutarama 2026, aho abaturage bakomeje gusobanukirwa kwirinda indwara zititaweho uko bikwiye by'umwihariko inzoka zo munda zirimo na bilaliziyoze.

Ibi kandi bibaye mu gihe u Rwanda n'Isi muri rusange bitegura kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga wahariwe kurwanya indwara zititaweho uko bikwiye uba ku ya 30 Mutarama buri mwaka.

Bamwe mu baturage baganiriye na Imvaho Nshya, bavuze ko batari bazi ko bashobora kurwara izi ndwara cyangwa ko zanatwara ubuzima bwabo, ariko nyuma y'ubu bukangurambaga n'ibyo bigishwa bakomeje gufata ingamba nshya.

Uwizeyimana Faustin, umuhinzi w'umuceri mu Gishanga cya Rwabikwano, yagize ati: "Mbere ntabwo twari tuzi indwara zo mu nda, cyane cyane iyo ya bilaliziyoze, ntitwari tuzi icyo twakora ngo tuyirinde. Ariko ubu twamenye ko dukwiriye gukora amasuku muri iki gishanga, tukabagara imiyoboro y'amazi kuko twumvise ko amagi y'agakoko gatera bilaliziyoze ashobora kwirekamo."

Nganuwera Marceline na we uhinga umuceri muri iki gishanga akaba n'Umujyanama w'Ubuzima mu Mudugudu wa Kayonza, yavuze ko ubumenyi bakomeje guhabwa butuma na bo bakomeza gufasha abandi kumva neza akamaro k'isuku haba mu ngo ndetse n'aho bakorera kuko ari byo byabafasha mu guhangana n'indwara ziterwa n'umwanda harimo n'iya bilaliziyoze.

Eric Salamba, Umukozi w'Ihuriro ry'Imiryango itari iya Leta irwanya Virusi Itera SIDA n'indwara zititaweho (Rwanda NGOs Forum on HIVAIDS), yavuze ko icyo bari gukora ngo bagere ku ntego yo kurandura indwara zititaweho uko bikwiye ndetse n'aho bashyize imbaraga cyane.

Yagize ati: "Iyo twahisemo guhera muri Bugesera na Ruhango kuko hari mu hafite imibare mike y'abarwaye inzoka zo mu nda kuko bari kuri 16%, twihaye 2027 kugira ngo nitubasha kurandura iyi ndwara ibyo twakoresheje muri Bugesera na Ruhango tuzabikoreshe n'ahandi hari umubare munini ku buryo mu 2030 izaba yacitse burundu."

Umukozi w'Ikigo cy'Igihugu cy'Ubuzima (RBC) mu gashami gashinzwe kurwanya indwara zititaweho Hitiyaremye Nathan, yagize ati "Utugari two mu Mirenge ya Bugesera twiganjemo indwara ya bilariziyoze ni 43, uyu munsi twaje mu Murenge wa Mareba kugira ngo turebe uruhare rw'umuturage mu kwirinda inzoka itera bilaliziyoze cyane cyane mu kubaka ubwiherero kugira ngo hirindwe kwituma ku gasozi. Ikindi ni ukureba aho bageze basenya indiri y'utunyamushongo twororokeramo amagi y'iyi ndwara."

Yavuze ko iyo umuntu yihereyeye ku gasozi arwaye indwara ya Bilaliziyoze, iyo imvura iguye imanukana umwanda urimo amagi yayo, ukayajyana mu gishanga, utunyamushongo turimo tukayamira akororoka, umuturage yajyamo akamwinjira akaba aranduye.

Yagarutse kandi no ku barwara iyi ndwara bakajya kwivuza mu Baganga ba Gakondo bibwira ko ari urushwima, nyamara bakihutiye kwa muganga bakitabwaho uko biwkiye kandi byihuse.

Indwara ya bilaliziyoze uwayirwaye arangwa no kwishimagura, kugira umuriro, ndetse no kucika intege, iyo ititaweho itera kuribwa mu nda, kwituma amaraso, guhitwa n'ibindi.

Indwara ya bilaliziyoze muri rusange yica abantu basaga ibihumbi 200 ku mwaka ku Isi mu gihe muri Afurika yavukije ubuzima abasaga ibihumbi 11.



Abaturage bishimiye ubukangurambaga bwatumye barushaho gusobanukirwa n'indwara zo mu nda zibazahaza





# Amajyaruguru: Ibiciro by'ibiryo by'amatungo bihanitse bituma bagabanya ayo borora



Ntirenganya Jean Bosco wo mu Karere ka Burera, yifashishije uburyo bwo kunganira ibiryo by'amatungo (azolla)

**NYIRANEZA Judith**

***Aborozi bo mu bice bitandukanye mu Ntara y'Amajyaruguru bavuga ko ibiryo by'amatungo bibagora bitewe nuko babigurira kure kandi n'ibiciro biri hejuru, bakaba badashobora gukomeza kuzamura umubare w'amatungo borora ngo abe menshi.***

Aborora amatungo magufi by'umwihariko bo mu Turere twa Gicumbi, Musanze, Rulindo, Gakenke na Burera mu Ntara y'Amajyaruguru borojwe n'umushinga PRISM bagaragaje ko ibiryo by'amatungo bihenze ku buryo bamwe muri bo bahitamo kugabanya umubare w'ayo borora.

Nizeyimana Elias wo mu Mudugudu wa Kirwa, mu Kagari ka Mubuga, mu Murenge wa Miyove mu Karere ka Gicumbi yavuze ko ibiciro by'ibiryo by'ingurube bihanitse, bikaba bica intege aborozi.

Ati: "Ku bijyanye n'imbogamizi, ingurube zirabwagura ariko hano ntitubona ibiryo byazo ku biciro bitworoheye kuko mu bindi bice usanga babona amafaranga ari hejuru, nk'ubu ibiryo by'amatungo ku isoko birahenze, ariko ikiguzi cy'amatungo ni amafaranga make. Abantu bagiye babura uburyo bazihahira, bagahitamo kugurisha nk'ingurube 2, agasigarana imwe."

Yakomeje asobanura ko hari abatangiye kwikuraho amatungo.

Ati: "Umuturage yamenyereye korora kijyambere, kandi ntuterera itungo hanze ngo rijye kurisha, ahubwo urarigaburira, noneho wareba ugasanga nko mu kwezi iriye ibilo nka 20, kimwe kigura magana atanu ugasanga yo yaba itayungutse. […] Hari abantu bari kwikuraho ingurube kuko bigoye kugira ngo umuturage abone 500 Frw."

Ntahombasize Bosco ucuruza amatungo wo mu Kagari ka Cyoha, mu Murenge wa Base, mu Karere ka Rulindo yavuze ko umushinga ufite gahunda yo kubahuriza hamwe bagakorera mu matsinda, kandi bigaragara ko bageze ku rwego rutuma nabi ubwabo nyuma yo kugenda bazamuka bakoroza bagenzi babo, bishyiriyeho aho bacururiza ibiryo by'amatungo.

Ati: "Ibiryo by'ingurube byarabuze, birahenda ntibikunda kuboneka nubibona abibona hejuru y'amafaranga y'u Rwanda 500, mbere ikilo cyaguraga 250Frw, 200 Frw. Aborozi babura uko bagura ibiryo byo guha amatungo, urumva aho kugira ngo zimupfire ubusa agahita agurisha."

Yavuze kandi ko bafite ikibazo cy'amazi muri iryo soko ku buryo ukeneye kunywa amazi bimusaba kwambuka hakurya mu isoko kuri Base.

Abayobozi bo muri utwo Turere bose bahuriza ku kuba koko ibiryo by'amatungo bihenda, aborozi bikabagora no kubibona hafi yabo, ndetse n'ugiye kubishaka akabibona kure, bityo ari igiciro n'amatike byose bikaba bibagora.

Bagaragaje ko imbogamizi ari uko ibiryo by'amatungo bigenda bihenda, usanga kuri bamwe bigenda bigora kubyigondera, bagatekereza ko kuba aborozi bajya biyegeranya mu matsinda, ibiryo bakabitumiriza hamwe byagabanya ikiguzi, bakabona ahacururizwa ibiryo by'amatungo cyangwa bagakora iguriro rimwe.

Bavuga kandi ko biciye mu bafatanyabikorwa, hashyirwaho iguriro ry'ibiryo by'amatungo ryegerezwa aborozi baba bishyize hamwe, mu gihe hategerejwe ko hakubakwa inganda z'ibiryo by'amatungo.

Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi, Dr Ndabamenye Telesphore aheruka kubwira Inteko rusange y'Abasenateri ko ibibazo bigaragara mu bworozi birimo bishakirwa ibisubizo.

Ati: "Hari ibyo Leta cyangwa se Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi n'ubundi ikomeza gufasha aborozi no gukomeza kuganira n'abashoramari kugira ngo icyo cyuho tucyumwe kimwe, ari ikijyanye no kubona ibyo biryo biturutse mu mirima isanzwe, ari ukubigabanya duhereye kuri ibyo bakura hanze […] no kugira ngo bya bindi biva mu nganda byongere bigaruke nanone bijye mu matungo."

**Aborozi bagerageje kwishakamo ibisubizo**

Nubwo ikibazo cy'ibiryo by'amatungo kitoroheye aborozi, ariko batangiye gushakisha uburyo babona ibisubizo, bifashishije uburyo bwo kubona ibiryo by'amatungo byunganira ibyo bagura.

Ntirenganya Jean Bosco wo mu Murenge wa Gahunga mu Karere ka Burera, yahawe amahugurwa atandukanye n'umushinga PRISM, hanyuma atangira guhinga Azolla.

Yagize ati: "Mu buryo bwo kubona ibyunganira ibiryo by'amatungo bisigaye bihenda, nungutse ubumenyi bwo gukoresha Azolla, akaba ari ikimera cyo mu mazi gikoreshwa nk'ibiryo byunganira ibiryo by'amatungo magufi."

Yakomeje asobanura kandi ko yanatangiye ubworozi bw'amasazi y'umukara na bwo bwunganira mu bworozi, bikagabanya igiciro cy'ibiryo by'amatungo.

PRISM ni umushinga wagizwemo uruhare na Leta y'u Rwanda ifatanyije n'Ikigega Mpuzamahanga giteza imbere ubuhinzi n'ubworozi (IFAD), binyuze muri Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi (MINAGRI) ugashyirwa mu bikorwa n'Ikigo giteza Imbere Ubuhinzi n'Ubworozi mu Rwanda (RAB).




Ibiryo by'amatungo biri ku biciro bitoroheye aborozi bigatuma bahitamo korora amatungo make

# Kuba Intwari ntibikwiye kuba amagambo gusa bijyana n'ibikorwa

HABIMANA Eric

***Kuri uyu wa 1 Gashyantare 2026, Abanyarwanda n'inshuti z'u Rwanda bizihije Umunsi w'Intwari z´Igihugu, umunsi urimo kwizihizwa ku nshuro ya 32, hazirikanwa intwari ziri mu byiciro bitatu ari byo Imanzi, Imena n´Ingenzi.***




Abanyeshuri b´i Nyange bashyizwe mu Ntwari z'Igihugu mu cyiciro cy´Imena

Bamwe mu baturiye ishuri ry´i Nyange nka hamwe mu habitse amateka yaranze abanyeshuri b´i Nyange bashyizwe mu cyiciro by´Imena bavuga ko iri shuri baryigiraho byinshi birimo no kudahemuka.

Kankindi Christine utuye mu Murenge wa Nyange, mu Kagari ka Gaseke, mu Mudugudu wa Ngobagoba avuga ko ubwo abo bana bigaga mu kigo cy´i Nyange baterwaga bakanga kwitandukanya nk'uko bari babisabwe n'abacengezi, yari afite imyaka irindwi, gusa ngo kuri we nubwo yari atarakura.

Yavuze ko ngo aho amariye gukura agasobanurirwa amateka y´iri shuri byamwigishije ko umuntu ari nkundi uburyo ngo nawe kuri ubu yumva nta kintu na kimwe gishobora kumutandukanya na mugenzi we, bikaba ari ibintu banatoza abababakomokaho kuko niyo babaganirije ayo mateka bituma umwana akura yumva nawe ari intwari nkabo.

Ati: "Iyo bavuze ubutwari numva ko niba bakubajije ikintu ugomba kukivuga uko ukizi udaciye ku ruhande kandi ntubeshyere mugenzi wawe kugira ngo ubeho, ibikorwa by´ubutwari natwe turabikora kuko nkubu ntabwo nabona umuntu ahohoterwa ngo mbirebere, kuko bano banyeshuri bigaga inyange ni intwari zacu natwe twumva twaba nkabo."

Yakomeje avuga ko kuba baranze kwitandukanya ari uko bari bemeye ko ikibabaho bose kibaberaho rimwe, kuko n'ubundi iyo bitandukanya bari kubica, ndetse ko kuba babona iryo shuri banazi ko abaryizemo bashyizwe mu Ntwari barabyishimira.

Tufurahi Immaculee utuye mu Mudugudu wa Giko, avuga ko intwari ari umuntu witangira abandi atirebyeho kuko nabo banyeshuri bigaga i Nyange ni byo byabaranze kuko bashyize hamwe, ibi bakabifata nkaho ari umuco ugomba kuranga abahiga ubu ndetse n´abahaturiye kuko aya mateka bagomba kuyigiraho.

Ati: "Intwari ni umuntu ugomba kwitangira abandi mu gihe ikibazo kimukomereye ndetse akaba ari wa muntu ugomba kuberaho abandi aho kwiberaho we wenyine, bariya banyeshuri ibyo bakoze ni umuco badusigiye tuzagenderaho ndetse tukanawutoza n´ababyiruka."

Yongeyeho ati: "Iyo umwana akuze umutoza urwango ni we akura ari we, twe rero tugomba gutoza abana bacu urukundo no gushyira hamwe, ubwo nkatwe bakuru kuba abana barakoze biriya bikorwa by´urukundo ari bato ni umukoro bahaye twe bakuru."

Umwe mu banyeshuri biga mu ishuri ry´i Nyange mu mwaka wa 5 w´amashuri yisumbuye, Uwera Odila avuga ko nk´urubyiruko ndetse by'umwihariko nk´abana bicaye ku ntebe zicayeho ababaye intwari, bagomba kumenya agaciro ko kwitwa umunyarwanda.

Ati: "Nk´urubyiruko umukoro dufite ni ugutera ikirenge mu cy´intwari zatubanjirije, tukabigiraho ibyo bakoze kuko niba turi Abanyarwanda icyo tugomba kumenya ni ukumenya agaciro ko kwitwa Umunyarwanda […], aha nicaye nk´umunyeshuri uwahantanze kano kanya turamwiga nk´imwe mu Ntwari z´Igihugu.Iibyo ubwabyo bidutera umwete, turi kugera ikirenge mu cy'izo ntwari."

Umujyanama mu ihuriro ry´abanyeshuri barokokeye mu ishuri ryisumbuye rya Nyange Abayisenga Theodette, avuga ko ubwo abacengezi babateraga mu kigo ngo yigaga mu mwaka wa 5, ngo kuri ubu bamaze kwishakamo ibisubizo no kwiyubaka ndetse ngo ikirenze kuri ibyo ngo bakomeje urugendo rwo gufasha mu gutanga inyigisho mu mashuri atandukanye mu rwego rwo kurema urubyiruko rw´ejo hazaza.

Ati: "Ababaye intwari no guhera ku musirikare utazwi ni abantu buri wese yatanze ibyo yari afite mu kurengera ubunyarwanda, ibyababaye bitwibutsa ko turi Abanyarwanda ndetse bikanatwibutsa indangagaciro zaranze abatubanjirije banagejeje ku kubohora Igihugu, kuba nari mfite imyaka 19 byaramfashije kuko umuntu wese ukiri muto icyo umucuzemo ni cyo aba cyo, bari baraducuzemo ubumuntu."

Yakomeje avuga ko batizwaga umurindi n´umuyobozi w´ikigo kuko no mu nyigisho yabahaga yababwiraga ko icya mbere ari ubunyarwanda, bagafatanya kubaka Igihugu.

Ati: "Ni ukuvuga ngo ubu ntabwo dufite inshingano zo kubaka ibyagezweho gusa, ahubwo dufite umukoro wo kurinda n´ibyagezweho, urubyiruko ni yo maboko Igihugu gifite, barasabwa kumenya amateka bikava mu magambo ahubwo bikajya no mu bikorwa, kuko amagambo atagira ibikorwa ntacyo amara, ibyo byose bigerwaho iyo ushyize hamwe n´abandi."

Iki gikorwa cyo kwizihiza umunsi w´ubutwari bw´abana b´i Nyange bikaba bigiye kuba ku nshuro ya 29, aho muri iri shuri ry´isumbuye ubu hamaze gushyirwamo ibirango by´Intwari z´Igihugu ndetse hakaba hari n´icyumba ushaka kwiga amateka y´abo bana ashobora kuyasanga.

Mu ijoro ry'itariki ya 18 rishyira ku ya 19 Werurwe 1997, ni bwo abacengezi bateye ishuri ryisumbuye ry'i Nyange basaba abana b'Abahutu kwitandukanya n'ab'Abatutsi, ariko abanyeshuri bigaga mu mwaka wa 5 n'uwa 6 barabyanga bababwira ko bose ari Abanyarwanda ibyatumye abacengezi babarasa batarobanuye, abana 8 bahita bahasiga ubuzima muri 47 bigaga mu mwaka wa 5 n´uwa 6, kugeza ubu bakaba baramaze gushyirwa mu Ntwari z´igihugu, mu cyiciro cy´Imena.



Aba ni bamwe mu banyeshuri b'i Nyange bashyizwe mu cyiciro cy'Imena





# Nyabihu: Umuhanda Bigogwe – Arusha wahinduye ubuzima bw'abahinzi n'aborozi

NGABOYABAHIZI Protais

***Abaturage bo mu nzuri za Gishwati, mu Murenge wa Bigogwe, Akarere ka Nyabihu, bavuga ko bishimira umuhanda wa kaburimbo Bigogwe–Arusha wabazaniye impinduka zikomeye mu mibereho yabo, by'umwihariko mu bworozi, ubuhinzi n'ingendo za buri munsi.***

Niyonzima Jean de Dieu, umworozi wo mu nzuri za Gishwati, avuga ko mbere y'uko uyu muhanda wubakwa, kugurisha amata byari ingorabahizi, kuko nta buryo yageraga ku bantu benshi bumvaga bayakeneye, kandi bayatangaga ku giciro gito cyane bikabateza igihombo.

Yagize ati: "Twagiraga amata tukabura uko tuyageza ku isoko. Imodoka ntizageraga hano, bigatuma tugurisha litiro ku mafaranga 100. Nyuma yo kubakirwa umuhanda wa kaburimbo, abaguzi baradusanga, ubu litiro igurishwa amafaranga 400.



Umuhanda wa kaburimbo Bigogwe– Arusha wabazaniye impinduka zikomeye mu mibereho yabo

Byatumye tugira icyizere cyo kwagura ubworozi, uwari ufite inka imwe nyuma y'umwaka uyu muhanda wubatswe yamaze kongeramo indi imwe ."

Abahinzi bo muri aka gace na bo bavuga ko umuhanda watumye umusaruro wabo cyane cyane ibirayi, bavuga ko batagihendwa.

Mukamana Claudine, umuhinzi w'ibirayi muri santere ya Arusha, yagize ati: "Mbere twasaruraga ibirayi tukabigumisha mu rugo kubera kubura abaguzi. Ubu imodoka ziva Rubavu na Kigali ziza hano, zimwe zikagera no mu mirima. Ibirayi biragurwa ku giciro cyiza, kandi ntitukigira igihombo."

Abaturage bawukoresha bavuga ko kuwukora byoroheje ingendo.

Habimana Eric, umuturage wo muri aka gace, avuga ko impinduka zigaragara buri wese azibona.

Yagize ati: "Mbere moto kuva hano Arusha ujya kuri Kaburimbo mu Bigogwe, twayigendagaho ku giciro kiri hejuru kubera umuhanda mubi. Ubu igiciro cyaragabanyutse, n'imbangukiragutabara igera hano vuba, bitandukanye na mbere."

Umuyobozi w'Akarere ka Nyabihu, Mukandayisenga Antoinette, avuga ko umuhanda Bigogwe–Arusha wari umushinga w'ingenzi mu iterambere ry'Akarere.

Yagize ati: "Uyu muhanda wari ukenewe cyane kuko uhuza abaturage n'amasoko, worohereza ubwikorezi n'itumanaho, kandi ugira uruhare mu iterambere ry'ubuhinzi n'ubworozi. Turashimira ubuyobozi bw'u Rwanda bwakomeje gushyira imbere ibikorwa remezo bigamije guteza imbere imibereho y'abaturage."

Yasabye abaturage kubungabunga uyu muhanda, kuwitaho no kuwubyaza umusaruro mu bikorwa bibateza imbere, agaragaza ko ibikorwa remezo bifite agaciro iyo abaturage babigizemo uruhare.

Umuhanda Bigogwe–Arusha ugaragazwa n'abaturage n'ubuyobozi nk'urufunguzo rw'iterambere, wagaruye icyizere mu bukungu bw'Akarere ka Nyabihu no mu mibereho rusange y'abakorera ubushabitsi mu nzuri za Gishwati.

# Mwakire ikivi intwari zatangije mucyuse- Lt. Col. Rwigenza abwira urubyiruko

HITIMANA Servand

***Lt. Col. Rwigenza Lambert, yasabye urubyiruko kutaririmba ubutwari gusa ahubwo bagaharanira kubugira, kugira ngo bazakomeze guhamya intambwe zatangijwe n'intwari zarwitangiye.***

Yabigarutseho mu gitaramo cy'ubutwari cyabereye mu Karere ka Nyagatare hagamijwe kuganira ku bikorwa biranga intwari no gusobanurira abakiri bato amwe mu mateka y'ubutwari agaragarira muri aka Karere.

Lt. Col. Rwigenza yagarutse ku ruhare rukomeye urubyiruko rwagize mu gihe cy'urugamba rwo kubohora u Rwanda, aho bakoranaga ubwitange bazi ko bashobora no kuhasiga ubuzima.

Ati: "Mu rugamba rwo kubohora Igihugu twari bato ariko twiyumvamo ko tugomba kubohora Igihugu, ku rugamba rero ntujyayo uhamya ko ari wowe uzarurokoka, mwarabyumvise, murabibwirwa aho ku ikubitiro abari abayobozi b'urugamba bishwe, ariko ishyaka ryo kudatezuka ku ntego yo kubohora Igihugu abasigaye barakomeje [.....], urubyiruko duhereza iki kivi ngo mukomeze gushyigikira ibyarwaniwe na za ntwari zacu."

Yasabye urubyiruko kumva ko ubutwari buharanirwa kandi ko kubugeraho bitanyura mu nzira imwe y'intambara gusa.

Ati: "Uyu munsi abari muri aya mateka, haba abari mu mahanga n'abatashye, turimo



Lt. col. Rwigenza Lambert ushinzwe guhuza abasivili n'abasirikare

gusaza. Ariko iki kivi ni mwe rubyiruko mugomba kugikomeza. Mucyakire mucyuse. Ubutwari si ku rugamba gusa. Bushingira ku kuba icyitegererezo mu byo mukora no kubikora neza mufite intego yo kubaka igihugu."

Umwe mu rubyiruko rwitabiriye igitaramo cy'ubutwari, Abijuru Olive yagize ati: "Dushima cyane ibyo twumvira mu mateka nk'aya. Nanyuzwe n'ubutwari bw'Abanyarwanda bagize mu bihe bitandukanye, ariko cyane aha nongeye gusobanukirwa amateka y'ubutwari ari mu Karere kacu. Ni inyigisho zituma umuntu yiyumvamo ishyaka ryo gukunda Igihugu ndetse no kugikorera atizigamye."

Yakomeje agira ati: "Nkatwe rubyiruko dukwiye kuzirikana ubu butwari bw'abatubanjirije, by'umwihariko muri ibi bihe twibuka intwari, tukahakura isomo n'intego yo gukora ibyo batagezeho natwe tukazitwa intwari z'ejo hazaza."

Ntakirutima Deny na we yagize ati: "Iyo wumvise amateka ndetse n'ibiganiro nk'ibi birakubaka ukumva hari aho uvuye naho ugiye. Nk'ubu mbashije kumenya ko ubutwari budasa kuba uri umusirikare gusa uhubwo no mu bindi ukora ko waba intwari."

Tariki ya 1 Gashyantare hizihizwa Umunsi w'Intwari, mu Karere ka Nyagatare by'umwihariko, uyu munsi uhabwa agaciro gakomeye bitewe n'uko ufitanye isano ya hafi n'amateka yo kubohora Igihugu, kuko ari ho urugamba rwatangiriye ku wa 1 Ukwakira 1990, i Kagitumba.

# Huye: Uwasambanyijwe ku myaka 16 arera umwana ufite ubumuga bukomatanyije

BYUKUSENGE Annonciata

***Yatewe inda akiri umwangavu w'imyaka 16 y'amavuko, agira ibyago byo kubyara umwana ufite ubumuga bukomatanyije burimo ubwo kutumva, kutavuga n'ubw'ingingo.***



**Mukeshimana amaze imyaka umunani arera umwana ufite ubumuga bukomatanyije**

Uyu ni Mukeshimana Clementine w'imyaka 24 utuye mu Mudugudu wa Rwezamenyo, Akagali ka Sovu, Umurenge wa Huye, Akarere ka Huye, ugowe no kurerera uyu mwana mu kiraro cy'inkoko yatijwe, akaba adafite n'ibyangombwa by'ibanze bimufasha kumurera kandi asabwa kwitabwaho mu buryo bwihariye.

Buri munsi abyuka saa kumi n'imwe za mugitondo, akajya gushaka aho yabona umugiraneza umuha akazi ngo abone amafaranga yo guhaha ibimutunga we n'umwana we w'imyaka 8 y'amavuko ufite ubumuga bukomatanyije.

Mukeshimana avuga ko byose byatangiye ubwo ababyeyi be baburaga ubushobozi bwo gukomeza kumurihira amashuri, bikarangira ayacikirije, akajya gushaka akazi ko mu rugo mu Karere ka Nyanza, umusore waho amutra inda, abimubwiye bahita bamwirukana.

Ati: "Njyeze iwacu ntabwo babyakiriye neza, baranteteranye baranyirukana nkajya ndara mu baturanyi n'iwabo w'abana b'inshuti zanjye twiganye mu mashuri abanza."

Yongeraho ati: "Umwana yavutse ubumuga butagaragara, ahubwo bwatangiye kugaragara umwana ageze mu gihe cyo gutangira kuvuga. Abakuze bambwiraga ko kuba umwana yatinda kuvuga ari ibisanzwe. Ageze igihe cyo kwiga kugenda, nabwo nabonye umwana atabasha guhaguruka Aha ni ho natangiye kugira impungenge ko umwana wanjye yaba afite ikibazo."

Mukeshimana amaze kubona ko umwana agize imyaka ibiri ataravuga cyangwa ngo agende, yamujyanye kwa muganga bamubwira ko afite ubumuga bwo kutavuga n'ubw'ingingo (ukuguru kw'iburyo).

Ati: "Bakimbwira ko umwana wanjye afite ubumuga, nahise numva ubuzima bwanjye burushijeho kujya ahabi. Ubwo narinkicumbika mu nshuti kuko iwacu bari baranyirukanye. Nigiriye inama yo gusubira iwacu ngira ngo baranyakira neza, ariko nababwiye ko umwana wanjye afite ubumuga papa wanjye ahita ambwira ngo muvire mu rugo, nabaye ikirara none ibyo nsaruyemo simbimuzanire mu rugo."

Kuva mu 2017 uyu mwana avutse, Mukeshimana yakomeje kumuvuza, ariko bakamubwira ko agomba kuzajya kumuvuza mu Bitaro by'i Kanombe i Kigali. Mu 2020, yanditswe mu bakeneye inyunganirangingo.

Ati: "Bamuhaye akagare gatangira kumufasha kwicara, ariko kubera ko afite ikibazo cyo kwicara, ibisebe ku mubiri na byo ntabwo byanyoroheye. Akagare kamufasha kwicara gusa…"

Umwana agize imyaka itanu y'amavuko, yagiye kwa muganga kumuvuza bamubwira ko umwana anafite ubumuga bwo mu mutwe kuko yarayaga umwanda yitumye.

Mukeshimana avuga ko yabashaga kumwitaho uko bikwiriye akiri muto kuko yamuhekaga akajya gushaka ikiraka, ariko ubu amaze kuba mukuru atakibasha kumugendana. Akifuza guhabwa ubushobozi bwo kugura pamperisi n'akagare kuko ako yahawe kashaje.

Ati: "Nabuze ubushobozi bwo kumujyana i Kanombe ngo bamugorore ukuguru gufite ikibazo, kuko kuramutse gukize yabasha kugenda nkaba namushyira no mu ishuri."

**Imibanire y'uyu mwana n'abandi bana**

Mukeshimana avuga ko mu myaka ishize yabonaga umwana ashaka gutobora ngo avuge kuko yakundaga kuba ari kumwe n'abandi bana, ariko ubu yasubiye inyuma kuko basigaye baba mu kirarao cy'inkoko, ahari ubwigunge, kuko asiga amufungiranyemo ngo ajye gushakisha imibereho.

Kugira ngo abe mu kiraro cy'inkoko byatewe n'uko yabuze ubushobozi bwo kwishyura inzu, ariko abona umugiraneza wamukuye kujya arara ku muhanda.

Akomeza avuga ko baryama mu gakoridori babikagamo amagi, ariko iyo yagiye gushakisha aho yakura ibyo kurya umwana asiga amukingiraniye muri icyo kirongozi kuko akagare katakibasha kumufasha kugenda.

**Mukeshimana arifuza ko yafashwa kuvuza umwana we**

Uyu mubyeyi avuga ko atazi iwabo w'umusore babyaranye, akaba yifuza ko Leta n'abandi bagiraneza bamufasha akavuza umwana we nibura bakamugorora akaguru ndetse bakanamuha ubuvuzi bw'indwara zo mu mutwe.

Avuga ko n'uwo babyaranye akimara kumva ko yabyaye umwana ufite ubumuga bukomayanyije yahise amwihakana bityo akeneye ubufasha buva ahandi.

Ati: "Icyo nkeneye ni ubufasha bwo kuvuza umwana wanjye kuko kuba atagenda ni byo byatumye atabasha kujya mu ishuri. Aramutse agorowe ukuguru akabasha kugenda, namujyana mu ishuri ry'abana bafite ubumuga i Ngoma akiga nk'abandi."

Umuyobozi w'Akarere ka Huye ushinzwe imibereho myiza y'abaturage, Madamu Kankesha Annonciata, yabwiye Imvaho Nshya ko uyu mwana n'umubyeyi we bagiye gushakirwa aho bimurirwa byihuse, umwana agakurikiranwa mu bikorwa byo kuvuzwa, ariko bafite aho kuba.

Ati: "Umwana azajyanwa kwa muganga i Gatagara mu Karere ka Nyanza, avuzwe neza kuko bafitanye amasezerano n'Akarere ka Huye. Turita ku mwana dushaka icyo nyina yakora cyongerera umuryango ubushobozi."

Umuyobozi w'Inama y'Igihugu y'Abantu bafite Ubumuga (NCPD), Ndayisaba Emmanuel, na we yashimangiye ko bagiye gukorana n'inzego z'ibanze kugira ngo uyu mwana ufite ubumuga bukomatanyi yitabweho kimwe na nyina.

Yagize ati: "Iyo tubimenye bitewe n'icyo uwo mwana akeneye ndetse no kunoza imibereho myiza dukora ubuvugizi. Ndaje mbikurikirane, ibyinshi hari igihe tubyohereza mu Nzego z'ibanze bakabikemura ariko no kumushakira akagare ni ibintu byoroshye, tuzohereza abantu bamupime, ubundi akorerwe akagare kamukwiriye."

Ubushakashatsi buherutse gushyirwa ahagaragara na NCPD, bugaragaza ko abantu bafite ubumuga mu Rwanda bagera ku 562 184 barimo abantu 250 563 bangana na 44,5% b'igitsina gabo, ab'igitsina gore bakaba 310 838 bangana na 55,2%, mu gihe abagera kuri 783 bangana na 0,3% nta makuru ahagije ku mibereho yabo yamenyekanye.

## Gatsibo- Ngarama barishimira ko bubakiwe inzu y'ababyeyi

HITIMANA Servand

***Abagana Ibitaro bya Ngarama bavuga ko imyato Leta y'u Rwanda yabegereje inzu y'ababyeyi kuri ibi bitaro yabakijije umuvundo wabaga aho ababyeyi baruhukiraga nyuma yo kubyara, kuko hari ubwo wasangaga babiri basangiye igitanda kimwe.***

Kuri ubu ababyeyi bagiye kubyara n'ababaherekeje babona serivisi nziza bishimira ko n'ubuzima bwabo burushaho kubungabungwa kinyamwuga.

Mukabagorora Yudita agira ati: "Inzu yari hano mu bitaro ni aya kera yubatswe n'Abaholandi, hari hato kuko icyo gihe n'ubundi abahabwaga serivisi bari bake. Ubu twahuraga n'ikibazo cyo kuba ababyeyi bazaga kubyarira hano bajyaga nko ku gitanda kimwe ari babiri, ubyaye

KOMEZA KU RUP.17





# Rusizi: Abacururizaga ku mihanda barishimira isoko bubakiwe



**Abasigaye bacururiza mu isoko bishimira ko batagicuruzanya ubwoba bwo kwamburwa ibicuruzwa**

BAHUWIYONGERA Sylvestre

***Abiganjemo abagore bacururizaga ibiribwa ku mihanda mu mujyi wa Rusizi, igice cy'Umurenge wa Gihundwe barishimira isoko bubakiwe bamaze amezi 4 bakoreramo, biteze kubyaza umusaruro mwinshi.***

Bavuga ko aho bariboneye baruhutse kuko mbere bakoraga mu kajagari, bamwe bacururiza ku mihanda hasi mu mwanda, abandi ari abazunguzayi birirwa mu ngo z'abaturage bashaka ababagurira, bacengana n'ubuyobozi n'inzego z'umutekano bamwe ibyo bacuruza bakabyamburwa n'izo nzego, bagashima ko aho isoko ryiza ribonekeye, izo ngorane zose zarangiye.

Nyiransabimana Jacqueline uvuga ko yari amaze imyaka 8 yose acuruza isambaza mu kajagari, yasobanuye ibyiza by'isoko.

Ati: "Mbere nokoreraga mu masangano y'umuhanda, mu mwanda, ngaha abakiliya banjye isambaza zangiritse, izisigaye zikamfiraho. Twacenganaga n'ubuyobozi bw'Umurenge n'abashinzwe umutekano. Umunsi umwe banyambuye ibilo 10 by'isambaza ndahomba kandi ikilo ni amafaranga 8 000."

Akomeza avuga ko ubu batagihura n'ingorane zo guhora bakebaguza, ubu bakora banezerewe mu mutuzo.

Faida Francine w'imyaka 44, wari umaze imyaka 20 acururiza ku muhanda imbuto zinyuranye, avuga ko atigeze yunguka nk'uko yunguka ubu akorera mu isoko.

Ati: "Turashimira cyane Perezida wacu Paul Kagame waduhaye iri soko. Umuntu araza agacuruza yizeye ko ari butahane inyungu, n'ibitagurwa akabibikamo agataha anezerewe. Haba ikibazo kikagezwa ku buyobozi, mbere nta wari kumva ucuruza mu kajagari. Turanezerewe bitavugwa."

Urubyiruko rurimo Umutoniwase Chanceline w'imyaka 26 yagize ati: "Nk'urubyiruko rwari rukeneye kwihangira imirimo duhereye ku bucuruzi buciriritse twarasubijwe. Nari maze imyaka 3 mu bucuruzi bwo mu muhanda. Twahuriragamo n'ingorane nyinshi cyane zo kwicwa n'imvura n'izuba, kugafatwa nk'abateza umutekano muke. Ubu tunabona umwanya wo kuganira no kungurana ibitekerezo bw'uburyo twarushaho gutera imbere, tunacuruza."

Uretse abacuruzi, n'abaguzi baganiriye na Imvaho Nshya, bavuze ko batishimiraga kugurira abacuruza batagira aho bari hasobanutse.

Hamuri Jean yagize ati: "Iri soko ryatumye duhahira aheza, tugahaha ibyujuje ubuziranenge, dugahahira abari hamwe, badateza umwanda. Ubu igihe tuziye tuhsanga ibyo dushaka."

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Gihundwe, Iyakaremye Jean Pierre avuga ko Akarere n'abafatanyabikorwa bako, bahisemo kuryubaka nyuma yo kubona ingorane zaterwaga no gucururiza mu mihanda.

Ati: "Ryatashywe mu mpera z'umwaka ushize rikemura ikibazo cy'umwanda waterwaga n'abacururizaga ku mihanda n'abazunguzayi birizaga ibiribwa ku mutwe ngo baracuruza."

Avuga ko ikindi ari umutekano w'abo bacuruzi kuko uku gucururiza ku mihanda byateraga impanuka nyinshi, zaba iz'abagongwaga na moto bunamye bahaha n'abagongwaga n'imodoka.

Hari kandi kumena imyanda aho babonye, n'ibindi byakemutse ubu.

Abasaba kurigirira isuku,-bakaribyaza umusaruro ryitezweho, abarigezemo bakanabwira abatarahindura imyumvire bagicuruza mu kajagari kurizamo.

Iri soko ryubatse mu Mudugudu wa Cyunyu, Akagari ka Burunga, Umurenge wa Gihundwe mu Karere ka Rusizi, rifite amazi, amashanyarazi, ubwiherero n'icyumba cy'umukobwa gifasha abagore n'abakobwa barikoreramo.

umuyobozi waryo Nyiraneza Frida na we wari umaze imyaka 5 mu bucuruzi bw'akajagari, avuga ko rishobora kwakira abacuruzi 200 bakanabona aho baraza ibitacurujwe, akizeza kuryitaho barisukura n'uruhare rwe mu guhindura imyumvire ya bake bagikorera mu kajagari bakarigana.



**Abagana Ibitaro bya Ngarama bavuga ko bishimiye iterambere na serivisi bahabona**

# Gatsibo- Ngarama barishimira ko bubakiwe inzu y'ababyeyi

IBIKURIKIRA URUP.16

akaba yaryamishwa hasi n'uruhinja kubera ahantu hato."

Uwamahoro Dativa na we yagize ati: "Uyu munsi hano i Ngarama ni ibisubizo gusa, kuza kuhabyarira ubona ko binejeje cyane ko uretse umubyeyi n'umuherekeje aba afite aho ari hazima bitandukanye na kera aho twakumbagaragaga hasi. Navuga ngo ababyeyi uyu munsi rwose barabyarira mu bisubizo."

Munyankindi Aminadabu na we avuga ko abagana ibi bitaro bishimira urwego biri gushyirwaho.

Ati: "Ni ukuri njyewe sinabona uko mvuga ibitangaza turi kubona mu majyambere y'iki Gihugu. uretse inzu y'ababyeyi ibitaro biri kubakwa ku rwego rwo hejuru aho hari serivisi tuzajya tubona twajyaga tujya gushaka kure nk'i Kanombe n'ahandi."

Umuyobozi w'ibitaro bya Ngarama, Dr Nzambimana J. Bosco avuga ko ubushobozi buri gushyirwa muri ibi bitaro bwitezweho gutanga serivisi nziza ku babagana.

Ati: "Kuvugurura ibi bitaro biri mu cyiciro cya kabiri, ni ivugururwa ry'inyubako rijyana n'ibikoresho bigezweho aho ibi bitaro bigiye gushyirwa ku rwego rwa kabiri rw'ibitaro byigisha. Ibi bizatuma serivisi dutanga ziyongera kuko tuzagira n'inzobere bityo bamwe mu barwayi twoherezaga ahandi bajye babonera serivisi hano."

Akomeza agira ati: " Mu byo abaturage bishimira kandi natwe bidukora ku mutima ni ukuba twarabonye inyubako yakiririrwamo ababyeyi kuko buriya ni ho umuntu atangirira ubuzima. Ibi bidufasha gukurikirana umubyeyi uri kunda ndetse yanabyara n'umwana agahabwa serivisi ziba zikenewe."

Avuga ko kuvugurura ibi bitaro mu cyiciro cya kabiri biteganyijwe kurangira mu kwezi kwa cumi uyu mwaka, aho bizatwara ingengo y'imari ya miliyari 10. Ni mu gihe icyiciro cya mbere cyarangiye gitwaye miliyari 4.

# Ibyaranze igitaramo cyo gusingiza Intwari z'Igihugu



Byari bigoye kubona umuntu wicaye mu gitaramo cyo kwizihiza Umunsi w'Intwari z'Igihugu

**MUTETERAZINA Shifah**

***Ibyishimo, umunezero no kwizihirwa byari byose ku bitabiriye igitaramo cyo gusingiza Intwari z'Igihugu.***

Ni igitaramo cyateguwe n'Umujyi wa Kigali n'abafatanyabikorwa bawo kiba mu ijoro ry'itariki 31 Mutarama 2026, mu ihema rya Camp Kigali.

Ahagana saa kumi n'ebyiri z'umugoroba ni bwo abanyamakuru Scovia Mutesi na Fisto Felix Habineza bageze ku rubyiniro nk'abashyushyarugamba b'igitaramo batanga ikaze ndetse baruvaho basimbuwe n'itorero Indatirwabahizi ry'Umujyi wa Kigali.

Indatirwabahizi baserutse ku rubyiniro mu ndirimbo 'Ubutwari bw'Inkotanyi' ya Mariya Yohana, bakurikijeho umukino ugaragaza uko Abanyarwanda bakuraga babatoza ubutwari ari na ko babyina indirimbo zitandukanye iz'umudiho, umushagiriro n'izindi zafashije abitabiriye gususuruka.

Nyuma y'aho Itorero ry'Igihugu Urukerereza baserutse mu murishyo, ikondera ritsikimba, bakurikijeho indirimbo yitwa Zarwaniyinka bayikoresha bavuga amacumu y'uko urugamba rwo kubohora Igihugu rwagenze bagenda bavuga abarwanaga icyo gihe mu byivugo babahaye.

Uwatangiye yagize ati: "Ku kamuhinda ni kwa Rwemerakurinda, nabanje uw'icumu ribanza urugamba gukira nubwo yaritaye mu nshuro ntiyarigereka amakuza..."

Aho bagaragaza uko urugamba rwatangiye n'uko barurwanye bakomeza kumvikanisha n'uko rwakomejeje.

Yakomeje agira ati: "Yaraje Umugobokarugamba, Yaraje umugobokarugamba Yaraje uwa Rwantarindwa yeee! Akaba umunyakabu yakabuye injunga, yakabuye injunga mu ngurane za Juru ese nyamibwa weee...!"

Byari bigoye ko uwitabiriye icyo gitaramo ataha atanyunzwe dore ko hahise hakurikiraho Army Band maze bakaririmba indirimbo zabo zikunzwe bitewe n'umurindi wazo zirimo Ngabo z'u Rwanda' Ntwari zacu mwarakoze, Turi Intare n'izindi nyinshi zanyuze abitabiriye.

Ibintu byahinduye isura ubwo Kitoko yari ageze ku rubyiniro yeretswe urukundo aho yaririmbye indirimbo zose afashwa n'abitabiriye igitaramo kugeza aho hari n'aho yabasanze bakabyinana.

Kitoko wari umaze igihe kinini mu Bwongereza akaba yaragarutse mu Rwanda yaririmbye izirimo Isi n'abantu, Rurabo, Agakecuru, ageze kuri Si byo yafatanyije na Meddy urubyiruko rujya mu bicu barabyina biratinda.

Igitaramo cyasoje ahagana saa tatu z'ijoro ni bwo Bwiza yagiye ku rubyiniro na we aririmba izirimo 'Iyo twicaranye', Ready, Ahazaza, ageze hagati yasabye Army Band ko bamusanga ku rubyiniro baririmbaga indirimbo yitwa Intwari yaririmbanye na Memo, Best Friend ageze kuri Ogera abantu bose barahaguruka bacinya akadiho.

Icyo igitaramo cyitabiriwe n'abayobozi batandukanye barimo Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali Samuel Dusengiyumva, Intebe y'Inteko Amb. Robert Masozera, Minisitiri Dr Bizimana Jean Damascène n'abandi.

Igitaramo cyo kwizihiza Intwari z'Igihugu cyateguwe hagamijwe gususurutsa abatuye Umujyi wa Kigali no kwibutsa urubyiruko ko ubutwari ari umurage wa buri Munyarwanda wese.

U Rwanda n'inshuti zarwo barazirikana Intwari z'Igihugu ku nshuro ya 32 ku nsanganyamatsiko igira iti: 'Ubutwari n'Ubumwe bw'Abanyarwanda, inkingi z'Iterambere'.



Bwiza yitabaje Army Band bamufasha kuririmba indirimbo Intwari



Ogera ya Bwiza yatumye abitabiriye barimo n'abayobozi bacinya akadiho



Bifashishije indirimbo 'Zarwaniyinka' Urukerereza bavuze amacumu y'urugamba



Urukerereza mu basusurukije abitabiriye igitaramo





# U Rwanda rwahawe kwakira imikino ya nyuma ya BAL 2026

**SHEMA Ivan**

***Ubuyobozi bw'Irushanwa rya Basketball Africa League (BAL) 2026 rigiye gukinwa ku nshuro ya gatandatu, rizatangira muri Werurwe, bwemeje ko imikino ya nyuma yaryo izabera i Kigali.***

Ku wa Gatanu, tariki ya 30 Mutarama 2026, ni bwo ubuyobozi bwa BAL bwashyize hanze ingengabihe y'iri rushanwa rikomeye, rihuza amakipe yabaye aya mbere iwayo muri Basketball ya Afurika.

Bitandukanye n'imyaka ishize, kuri iyi nshuro amakipe 12 azakina iri rushanwa, agabanyije mu matsinda abiri buri rimwe ririmo amakipe atandatu, aho kuba amatsinda atatu nkuko byari bisanzwe, bikaba byatumye itsinda rya Sahara Conference rikurwamo.

Ayo matsinda ni Kalahari Conference izakinwa mbere, kuva tariki ya 27 Werurwe kugeza tariki ya 5 Mata 2026, ikazakinirwa mu Mujyi wa Pretoria muri Afurika y'Epfo.

Itsinda rya Nile Conference rizatangira gukinwa tariki ya 24 Mata rigeze tariki ya 3 Gicurasi 2026, aho rizakinirwa muri Maroc mu nyubako y'imikino ya Prince Moulay Abdellah Sports Complex mu Mujyi wa Rabat.

Amakipe ane azitwara neza muri buri tsinda, azahurira i Kigali mu Rwanda, aho azakinira imikino ya kamarampaka n'iya nyuma. Biteganyijwe ko izaba kuva tariki ya 22 kugeza 31 Gicurasi 2026.

Mu mwaka ushize iri rushanwa ryegukanywe na Al Tripoli yo muri Libya itsinze Petro de Luanda yo muri Angola amanota 88-67.

Ni mu gihe APR BBC yo mu Rwanda yabaye iya mbere yo mu Karere ka Afurika y'Iburasirazuba yasoreje ku mwanya wa gatatu kuva iri rushanwa ryatangira mu 2021.



U Rwanda ni rwo ruzakira imikino ya nyuma ya BAL 2026



U Rwanda ruzakira imikino ya nyuma ya BAL 2026

# Handball: Misiri yisubije igikombe cya Afurika cyaberaga i Kigali




Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri ya Siporo, Ngarambe Rwego, ashyikiriza Misiri Igikombe cya Afurika cya 10 yegukanye

**SHEMA Ivan**

***Ikipe y'igihugu ya Misiri yisubije Igikombe cya Afurika cya Handball mu bagabo nyuma yo gutsinda Tunisia ibitego 37-24 ku mukino wa nyuma w'irushanwa rya 2026 ryaberaga i Kigali ku nshuro ya 27.***

Ku wa Gatandatu, tariki ya 31 Mutarama 2026, ni bwo hasojwe iri rushanwa ryari rimaze iminsi 10 ribera mu Rwanda, muri BK Arena.

Muri uyu mukino Misiri yasoje igice cya mbere iyoboye n'ibitego 17-10.

Misiri yakomerejeho mu gice cya kabiri irusha cyane Tunisia, bituma umukino urangira itsinze ibitego 37-24, yegukana igikombe cya Afurika cya 2026 cyiyongera ku giheruka, inganya ibikombe 10 na Tunisia.

Umwanya wa gatatu wegukanywe n'ikipe y'igihugu ya Cap-Vert itsinze iya Algeria ibitego 29-23.

Angola yasoreje ku mwanya wa gatanu itsinze Nigeria ibitego 25-20, Maroc yegukana umwanya wa karindwi itsinze Guinea kuri penaliti 5-4 nyuma y'uko amakipe yombi yari yanganyije ibitego 33-33.

Mu cyiciro cy'amakipe yahataniraga igikombe cya Perezida "President Cup", kuva ku mwanya wa cyenda kugeza ku wa 16, ari naho u Rwanda rwari ruherereye kuko rutabashije kurenga amatsinda, Gabon ni yo yacyegukanye itsinze Cameroun.

U Rwanda rwasoreje ku mwanya wa 12 nyuma yo gutsindwa na Congo Brazzaville ibitego 30-28 ku wa Gatanu.

Ikipe y'irushanwa igizwe n'umunyezamu Mohamed Aly (Misiri), Ahmed Nafea (Algeria), Ahmed Hichem (Misiri), Bilel Abdelli (Tunisia), Yahia Omar (Misiri), Mohamed Emad (Misiri) na Islem Jbeli wa Tunisia.

Ibi bihugu byitwaye neza muri iri rushanwa ari byo Misiri,Tunisia, Cap-Vert, Algeria na Angola byakatishije itike y'Igikombe cy'Isi cya Handball kizabera mu Budage mu 2027.



Tunisia yagowe no kwibona muri uyu mukino

Imvaho Nshya
# Siporo




NO .E-49 TARIKI 27 MUTARAMA - 2 GASHYANTARE 2026 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw

# Police FC yatsinze APR FC yegukana Igikombe cy'Intwari cya 2026

**SHEMA Ivan**

***Ikipe ya Police FC yegukanye igikombe cyo kwizihiza Intwari z'Igihugu nyuma yo gutsinda APR FC penaliti 7-6 nyuma yaho amakipe yombi anganyije igitego 1-1 mu minota 90 Isanzwe y'umukino.***

Uyu mukino wabereye kuri Stade Amahoro mu ijoro ryo ku Cyumweru, tariki ya 1 Gashyantare 2026 witabirwa n'abarimo Umugaba Mukuru w'Ingabo z' u Rwanda Gen. Mubarak Muganga, Umuyobozi Mukuru wa Polisi y'Igihugu SG Felix Namuhoranye, Umuyobozi w'Urwego rushinzwe Intwari z'Igihugu, Imidali n'Impeta by'Ishimwe (CHENO), Francois Ngarambe, Perezida wa FERWAFA, Shema Ngoga Fabrice.

Wari umukino wa gatatu wikurikiranya uhuje impande zombi ku mukino wa nyuma w'iri rushanwa, mu 2024 cyatwawe na Police FC, mu 2025 cyatwawe na APR FC, uyu mwaka cyatwawe na Plice FC.

Ni umukino watangiye wegeranye cyane, amakipe yombi yigana nta buryo bw'igitego buboneka imbere y'izamu.

Mu minota 20, APR FC yongereye imbaraga itangira gusatira izamu rya Police FC ishaka igitego cyo gufungura amazamu ariko ikagorwa no kubyaza umusaruro amahirwe yabonaga.

Ku munota wa 27, William Togui wa APR FC yateye ishoti rikomeye ari mu rubuga rw'amahina, umupira ukurwamo neza n'umunyezamu Rukundo Onesime mbere y'uko Ishimwe Christian ahita awushyira muri koruneri itagize icyo itanga.

Mu minota 35, Police FC yinjiye mu mukino isatira izamu rya APR FC ku ruhande rwakinwagaho na Byiringiro League.

Igice cya mbere cyarangiye amakipe yombi anganyije ubusa ku busa

Ikipe y'Ingabo yagarukanye imbaraga mu gice cya kabiri bidatinze ku munota wa 54, yafunguye amazamu ku gitego cyatsinzwe na William Togui ku mupira wahinduwe mu rubuga rw'amahina na Hakim Kiwanuka, uwutera yigaramye uruhukiro mu izamu.

Iyi kipe yakomoje gukina neza ndetse ku munota 60, yashoboraga kubona igitego cya kabiri nyuma yaho

Kiwanuka acenze David Chimezie, ahindura umupira mu rubuga rw'amahina urenga umunyezamu Onesime, ku bw'amahirwe Zidane awukura ku murongo ugiye kugera kuri Mugisha Gilbert.

Ku munota wa 68, Police FC yabonye igitego cyo kwishyura nyuma yaho Nshimiyimana Yunussu agonze umunyezamu we Ishimwe Pierre akamubuza gufata umupira, Gakwaya Leonard ahita awushyira mu izamu.

Ku munota wa 74, Umutoza wa APR FC yakoze impinduka Djibril Ouattara na Mamadou Sy basimbura Hakim Kiwanuka na Mugisha Gilbert.



**Umunyamabanga Mukuru akaba n'Umuvugizi wa Police FC, CIP Umutoni Claudette, ateruye igikombe**

Izi mpinduka zatanze umusaruro kuko iyi kipe yakomeje gusatira ndetse ku munota wa 76, yahushije igitego cyabazwe ku mupira watewe n'umutwe na Mamadou Sy, ukurwa ku murongo Ndayishimiye Dieudonne Nzotanga, mbere y'uko Dauda Yussif atera ishoti rikomeye rikuwemo na Rukundo Onesme.

Iminota ya 10 ya nyuma yihariwe na APR FC yashakaga igitego cya kabiri harimo uburyo bukomeye yabonye ku mupira wahinduwe imbere y'izamu na Niyomugabo Claude, usanga Djibril Ouattara awukinnye n'umutwe, ushyirwa muri koruneri n'umunyezamu Rukundo Onesme.

Iminota 90 y'umukino yarangiye amakipe yombi anganyije igitego 1-1, hitabazwa za penaliti kugira ngo hamenyekane utwara igikombe.

Police FC yazitwayemo neza itsinda APR FC penaliti 7-6, yegukana igikombe cy'Intwari cy'umwaka wa 2026.

Penaliti za Police zatewe na David Chimezie, Iradukunda Simeon, Kirongozi Richard, Ishimwe Christian, Ndayishimiye Dieudonne, Byiringiro Lague na Ani Elijah mu gihe penaliti eshatatu za APR FC zinjijwe na Ruboneka Bosco, Byiringiro Jean Gilbert, Niyigena Clement, Mamadou Sy, Nshimiyimana Yunussu na Niyomugabo Claude.

Abazihushije kuri Police FC ni Nsabimana Eric 'Zidane' Ekeson Okorie naho Dauda Yussif, William Togui na Ronald Ssekiganda barazihusha kuri APR FC.

Ikipe ya Polisi y'Igihugu yaherukaga kwegukana iri rushanwa mu 2024 n'ubundi itsinze APR FC.

Iki gikombe cyabaye icya kabiri umutoza Ben Moussa ahesheje Police FC mu mwaka we wa mbere nyuma y'igikombe cy'Inkera y'Abahizi.

Kwegukana iki gikombe byahesheje Police FC miliyoni 6 Frw naho APR FC ya kabiri yahawe sheki ya miliyoni 3 Frw.

Umukino wabanje mu cyiciro cy'abagore warangiye Rayon Sports WFC yegukanye igikombe cy'Intwari ku nshuro ya kabiri yikurikiranya nyuma yo gutsinda Indahangarwa WFC ibitego 2-0 byinjijwe na Emeline Murekatete na Angelique Umuhoza.

Iyi kipe yahawe sheki ya miliyoni 6 Frw naho Indahangarwa WFC yabaye iya kabiri, yahawe sheki ya miliyoni 3 Frw.




**Police FC yegukanye igikombe cy'Intwari cya 2026 itsinze APR FC**